# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

Nº. E-62 TARIKI 2-8 KAMENA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw






AMAKURU

Icy'ingenzi ni icyizere mwagaruye - Perezida Kagame ashimira u Bufaransa



2

AMAKURU

Werurwe 2026: abatega imodoka zitwara abagenzi muri rusange biyongereho 15%



4

AMAKURU

Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi i Paris ruzarinda ukuri - Perezida Kagame



6

IMYIDAGADURO

Kayonza: Abahinzi n'aborozi 77 bemerewe miliyoni 730 Frw



17


# RPF Inkotanyi yashimye ishyaka PASTEF ryubatse icyizere muri Sénégal

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Umuryango RPF - Inkotanyi wavuze imyato Ishyaka riri ku butegetsi muri Sénégal PASTEF (Patriotes Africains du Sénégal pour le Travail, l'Éthique et la Fraternité), urishimira uburyo ryubatse icyizere gihebuje mu baturage b'icyo gihugu mu myaka 10 gusa rimaze ribayeho.***

Iri shyaka riri ku butegetsi kuva mu myaka ibiri ishize, ryashinzwe n'urubyiruko rutandukanye rwo muri Sénégal mu mwaka wa 2014, kugira ngo rushyire mu ngiro inzozi rwari rufite zo kuzana impinduramatwara muri Politiki n'imiyoborere y'icyo gihugu.


Iri shyaka ryagiye rihura n'ibigeragezo byinshi muri urwo rugendo, ariko rigashimirwa n'abaturage ba Sénégal ko ryakoraga cyane nubwo ryari ryiganjemo amaraso mashya muri Politiki.

Muri Werurwe 2024, Bassirou Diomaye Diakhar Faye w'imyaka 46 wari Umunyamabanga Mukuru w'iryo shyaka yahise atorerwa umwanya wa Perezida wa Repubulika, inkuru yakunzwe cyane mu ruhando mpuzamahanga kuko yagiye ku butegetsi atsinze amatora nk'ijwi ry'urubyiruko n'iterambere rirambye ry'igihugu cye na Afurika muri rusange.

Ku wa Gatandatu tariki ya 6 Kamena 2026, ubwo Umunyamabaga Mukuru w'Umuryango RPF - Inkotanyi Amb. Christophe Bazivamo yitabiraga Inama Nkuru ya mbere y'Ishyaka PASTEF i Diamniadio hanze ya Dakar, yagarutse ku gushima iri shyaka ku cyizere ryubatse mu baturage ba Sénégal.

Yagize ati: "Izamuka ku butegetsi rihebuje ry'Ishyaka PASTEF ryageze ku ntsinzi y'amateka ryigarurira ubutegetsi bufata ibyemezo

KOMEZA KU RUP.3



**Umunyamabaga Mukuru w'Umuryango FPR Inkotanyi Amb. Christophe Bazivamo ubwo yitabiraga Inama Nkuru ya mbere y'Ishyaka PASTEF i Diamniadio**

## Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yihanangirije abacuruzi ba rusahuriramunduru

**KAMALIZA Agnes**

***Minisitiri w'Intebe Dr. Justin Nsengiyumva yihanangirije abacuruzi babona Igihugu cyinjiye mu bihe bidasanzwe gihanganyemo n'izamuka ry'ibikomoka kuri peteroli bakabyuririraho bahenda abaturage bakazamura ibiciro uko biboneye, ashimangira ko imico nk'iyo itagomba kwihanganirwa. Yabigarutseho ku wa 06 Kamena 2026, mu kiganiro n'itangazamakuru cyibanze ku ishusho rusange y'ubukungu bw'igihugu n'imibereho y'Abanyarwanda.***

Dr. Nsengiyumva yagaragaje ko u Rwanda kimwe n'ibindi bihugu byose bya Afurika bikiri mu nzira y'amajyambere bigowe n'izamuka ry'ibiciro ku isoko bitewe n'intambara iri mu Burasirazuba bwo Hagati ihanganishije Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Isiraheli na Iran ariko abacuruzi batagomba kubyitwaza ngo bahende abaguzi birengeje urugero.

Yagize ati: "Ba rusahuriramunduru tugerageze kubamagana tumenye ko turi mu bihe bitoroshye nta bantu bakwiye kuvunisha abandi."

Yavuze ko iyo ntambara yatumye ibiciro by'ibitumizwa mu mahanga bizamuka kandi uko kwiyongera kuri kugira ingaruka ndetse bikongera umutwaro ku baturage ariko Leta ikomeje gukora ibishoboka

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Icy'ingenzi ni icyizere mwagaruye - Perezida Kagame ashimira u Bufaransa

SHEMA Ivan

***Perezida wa Pepubulika y'u Rwanda, Paul Kagame yashimiye Repubulika y'u Bufaransa yagaruye icyizere hagati yayo n'u Rwanda cyari cyarasenywe n'amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Perezida Kagame yabigarutseho ku mugoroba wo ku wa Kabiri tariki ya 2 Kamena 2026 mu Ngoro y'Umukuru w'Igihugu (Champs Élysée) mu Mujyi wa Paris, aho we na Madamu Jeanette Kagame bakiriwe ku meza na Perezida w'u Bufaransa Emmanuel Macron na Madamu we Brigitte Macron.***



**Perezida wa Pepubulika y'u Rwanda, Paul Kagame yashimiye Repubulika y'u Bufaransa yagaruye icyizere hagati yayo n'u Rwanda cyari cyarasenywe n'amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi**

Ni igikorwa cyabaye gikurikiye gufungura ku mugaragaro Ikimenyetso cy'Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 cyubatswe mu Murwa Mukuru wa Paris rwagati mu rwego rwo kurushaho guha icyubahiro Abatutsi basaga miliyoni bishwe mu minsi 100 gusa. Perezida Kagame yashimangiye ko umubano w'u Rwanda n'u Bufaransa wubakiye ku cyizere hagati y'ibihugu byombi cyazahutse mu nzego zitandukanye, ukomeje kugana aheza.

Ati: "Uyu munsi wabaye uw'igisobanuro n'isezerano bikomeye. U Rwanda rurashima intambwe mwateye. Twahisemo guhanga amaso ibiri imbere tukandika ipaji nshya y'amateka dufatanyije, kandi ayo mahitamo yatangiye gutanga umusaruro. Hari ubushake ku mpande zombi, ariko igifite agaciro gakomeye ni ukugarura icyizere."

Perezida Kagame yakomeje avuga ko u Rwanda rwiyemeje gukomeza gukorana n'u Bufaransa nk'umufatanyabikorwa w'ingirakamaro mu nzego zitandukanye.

Yagize ati: "Uyu munsi u Bufaransa ni umufatanyabikorwa w'ingenzi ku Rwanda mu bijyanye n'ishoramari, ikoranabuhanga, guhangana n'imihindagurikire y'ibihe n'izindi nzego z'inyungu ibihugu byombi bihuriyeho. U Rwanda rwiteguye gukomeza gukorana n'u Bufaransa mu kurushaho kwimakaza ubutwererane, no kwagura imikorere n'amahirwe yose ashoboka hagati y'ibihugu byacu byombi."

Umubano hagati y'u Rwanda n'u Bufaransa wagiye unyura mu bihe bikomeye, ariko mu myaka ya vuba ukaba warongeye kuzahurwa mu rwego rwa dipolomasi, ubukungu n'ubufatanye mu iterambere.

Mu myaka ya za 1970 kugeza mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, u Bufaransa bwari umufatanyabikorwa ukomeye wa Leta yari iyobowe na Perezida Juvénal Habyarimana, kuko bwatangaga inkunga mu bya gisirikare, uburezi n'iterambere.

Mu gihe cy'urugamba rwo kubohora u Rwanda rwatangiye mu 1990, u Bufaransa bwakomeje gushyigikira Leta yariho icyo gihe nubwo bwabonaga ko ibyategurwaga byari Jenoside kugeza ubwo yashyirwaga mu bikorwa bukiri umufatanyabikorwa w'ingirakamaro.

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, u Rwanda rwakomeje kunenga uruhare rw'u Bufaransa mu gushyigikira ubutegetsi bwateguye bukanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ibi byatumye umubano hagati y'ibihugu byombi urushaho kuzamo amakimbirane ya politiki n'ay'ubutabera.

Mu 2006, u Rwanda rwaciye umubano wa dipolomasi n'u Bufaransa nyuma y'aho Umucamanza w'Umufaransa Jean-Louis Bruguière asohoreye impapuro zo guta muri yombi bamwe mu bayobozi b'u Rwanda.

Mu 2009, ibihugu byombi byongeye gusubukura umubano wa dipolomasi nyuma ukomeza gukomezwa n'ingendo z'Abakuru b'Ibihugu, harimo uruzinduko rwa Perezida Nicolas Sarkozy i Kigali mu 2010 ndetse n'urwa Perezida Kagame i Paris mu 2011.

Mu 2021, Komisiyo y'amateka iyobowe na Vincent Duclert yashyizweho n'u Bufaransa yasohoye raporo yemeza ko u Bufaransa bwagize "uruhare rukomeye kandi ruremereye" mu byabaye mu Rwanda hagati ya 1990 na 1994, nubwo itabushinje ubufatanyacyaha muri Jenoside.

Uwo mwanzuro kandi ujya guhura n'uwagezweho na Komisiyo yihariye y'abashakashatsi ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi Yashyizweho n'u Rwanda.

Muri Gicurasi 2021, Perezida Emmanuel Macron yagiriye uruzinduko rw'amateka i Kigali aho yemereye ko u Bufaransa bwagize inshingano zikomeye ku byabaye mu Rwanda, kandi asaba imbabazi zishingiye ku kuri n'urwibutso, bifatwa nk'intambwe ikomeye mu kuzahura umubano.

Uyu munsi, umubano w'ibihugu byombi wibanda ku guteza imbere, ubutabera, uburezi n'ubushakashatsi, ikoranabuhanga n'udushya, ubuzima, ingufu n'ibikorwa remezo, guteza imbere ururimi rw'Igifaransa, ishoramari n'ubucuruzi.

Ibigo byinshi by'Abafaransa bikorera mu Rwanda, cyane cyane mu bijyanye n'ikoranabuhanga, ubukerarugendo, ibikorwa remezo n'ibitangazamakuru. Mu mwaka wa 2024, ubucuruzi hagati y'ibihugu byombi bwari bugeze kuri miliyoni 37,3 z'Amayero.

Uyu mubano w'u Rwanda n'u Bufaransa ufite akamaro kanini kuko ugira uruhare rukomeye mu gukurura ishoramari riva mu Burayi, woroshya ubufatanye mu nzego zitandukanye, ukongera ijwi ry'u Rwanda mu ruhando mpuzamahanga, ukagaragaza ko ubwiyunge bushoboka n'aho amateka yabaye akomeye kandi ugafasha mu gukomeza gushaka ukuri ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

# RPF Inkotanyi yashimye ishyaka PASTEF ryubatse icyizere muri Sénégal

IBIKURIKIRA URUP.1

n'imyanya myinshi mu Nteko Ishinga Amategeko mu myaka 10 rimazeho, ni igihamya cy'icyizere abaturage bafitiye ubutumwa mubagezaho."

Amb. Bazivamo yavuze kandi ko indangagaciro Umuryango FPR Inkotanyi uhuriyeho na PASTEF zirimo ubumwe, gukunda Igihugu, imiyoborere myiza, no guharanira ubumwe bwa Afurika, ari zo zabaye imbarutso y'umubano mwiza hagati y'imitwe yombi ya politiki no hagati y'Ibihugu byombi.

Umubano w'u Rwanda na Sénégal ukomeje gutera imbere, aho ibihugu byombi bihuriye ku cyerekezo cyo guteza imbere imiyoborere myiza, iterambere rirambye, kwihutisha ikoranabuhanga no guteza imbere ubufatanye bw'ibihugu bya Afurika mu kwandika amateka mashya yabyo.

Nubwo ubufatanye bw'ibi bihugu bumaze imyaka myinshi, umwaka wa 2011 wabaye uw'amateka ubwo u Rwanda rwafunguraga Ambasade yarwo i Dakar, nyuma y'imyaka ikabakaba 10 gusa n'icyo gihugu kigafungura Ambasade i Kigali mu 2020.

U Rwanda na Sénégal bifitanye umubano ushingiye ku bwubahane no kugirana inama ku bibazo bireba umugabane wa Afurika. Abakuru b'Ibihugu bombi bakomeje kugirana ibiganiro bigamije gushimangira ubufatanye mu nzego zitandukanye, harimo ubukungu, imiyoborere n'umutekano.

Mu kwezi k'Ukwakira 2025, Perezida wa Senegal, Bassirou Diomaye Faye, yagiriye uruzinduko rw'akazi rw'iminsi itatu mu Rwanda, aho yakiriwe na Perezida wa Repubulika Paul Kagame.

Uru ruzinduko rwafatwaga nk'iki-menyetso gikomeye cy'ubushake bw'ibihugu byombi bwo kurushaho kunoza umubano wabyo, rwasize hasinywe amasezerano arebana no gukuraho visa, ubufatanye mu igena-migambi no gukurikirana gahunda z'iterambere, ubufatanye mu rwego rw'ubuhinzi, mu buzima no mu rwego rw'amagororero na serivisi z'imfungwa.

Mu rwego rw'ubukungu, Sénégal ifata u Rwanda nk'urugero rwiza mu miyoborere, ikoranabuhanga no gutanga serivisi za Leta hifashishijwe ikoranabuhanga.

Ibihugu byombi kandi bikomeje gushishikariza abikorera gushora imari no kongera ubucuruzi hagati y'Afurika y'Iburasirazuba n'iy'Ibu-rengerazuba.

U Rwanda na Sénégal bisanzwe bifa-tanya mu bikorwa by'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU), aho bikunze gushyigikira gahunda ziga-mije kwigira kwa Afurika, ubucuruzi bwambukiranya imipaka, n'ishyirwa mu bikorwa ry'Isoko Rusange rya Afurika (AfCFTA).

# Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yihanangirije abacuruzi ba rusahuriramunduru

IBIKURIKIRA URUP.1



Minisitiri w'Intebe, Dr. Justin Nsengiyumva yibukije abacuruzi ko batagomba kuba ba rusahuriramunduru

byose mu guhangana na byo.

Dr. Nsengiyumva yashimangiye ko Leta y'u Rwanda izi neza ko muri iki gihe ikiguzi cy'imibereho cyazamutse tukaba kandi biri kugira ingaruka ku mibereho y'imiryango y'Abanyarwanda, ariko yizeza ko hari ikiri gukorwa ngo uwo mutwaro nibura ugabanyuke.

Yagize ati: "Turabizeza ko turimo gukora ibishoboka kugira ngo dushyireho ingamba zituma icyo kiguzi cy'ubuzima kidakomeza kubaremerera cyane."

Yasabaye Abaturarwanda kudakuka imitima kuko ari ikibazo Isi ihanganye na cyo kandi by'umwihariko nk'u Rwanda hari ibindi bibazo by'ingutu rwigobotoye bityo n'icyo kitananirana.

Yijeje ko hazakorwa ibishoboka ku buryo ibicuruzwa n'ibi-komoka kuri peteroli biboneka ku isoko kandi buri wese akwiye gushyira mu gaciro haba abacuruzi n'aba-guzi ntihagire uhenda undi ndetse ntihaboneke urwitwazo rwatuma abakora badatanga umusaruro ahubwo ibihari bigakoreshwa neza nta gusesa-gura, asaba ko abitwaza ibihe bigoye bakuriza ibiciro ko bamaganirwa kure.

Ati: "Ibihari tubikoreshe neza tugerageze kudasesa-gura ariko dukomeze dukore uko twakoraga tunongere umusaruro ni igihe cyo kugira ngo dukomeza twige, dukorera hamwe tuzamure umusaruro."

Ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli bikomeje kwiyongera kuva intambara yashojwe na Leta Zunze Ubumwe za Amerika na Isiraheli kuri Iran yatangira aho kugeza ubu mu Rwanda litiro ya lisansi igeze ku 2 938 Frw, mu gihe litiro ya mazutu igeze ku 2 927 Frw.

Iyi ntambara yatangiye mu mpera za Gashyantare yateje Isi ibibazo by'ihungabana ry'ubukungu nyuma y'uko umuhora wa Hormuz wanyuz-wagamo 20% by'ibikomoka kuri peteroli ufunzwe na Iran na Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

# Abimura abantu nta ngurane bakwiye gukurikiranwa - Dr Nsengiyumva

**NYIRANEZA Judith**

***Minisitiri w'Intebe Dr Justin Nsengiyumva yongeye kwibutsa ko nta muntu ukwiye kwimurwa adahawe ingurane nk'uko itegeko ribiteganya, ashimangira ko ababigiramo uruhare, umuturage akimurwa nta ngurane ahawe bakwiye gukurikiranwa.***

atura na byo tujya tubikora. Ariko ikigenderewe ni uko umuturage avanwa ahantu atuye ari uko ingurane ye yabonetse. Aho bitakozwe ni amakosa bikwiye gukurikiranwa."

Itegeko ngenderwaho rigenga kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange no kwishyura ingurane ni




**Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yibukije ko nta muturage ugomba kwimurwa atabanje guhabwa ingurane**

Yabigarutseho mu kiganiro yagiranye n'itangazamakuru ku wa Gatandatu tariki ya 6 Kamena 2026, aho yagarutse ku ngingo zitandukanye, ubwo yasubizaga ku kibazo kijyanye n'abaturage bajya bimurwa batarahabwa ingurane.

Yagize ati: "Abantu bimurwa bagahabwa ingurane, ibyo ntabwo ari ibintu tugomba kujyaho impaka, ni ibintu byumvikana, hashobora kugira ahantu wenda bidakorwa neza, ariko politiki ya Leta, ni uko umuturage yimurwa yahawe ingurane."

Akomeza agira ati: "Ingurane ishobora kubaho mu buryo bwinshi ishobora kuba ari amafaranga cyangwa se agahabwa ahandi, kandi hari n'igihe tumushakira ahandi

Itegeko n° 32/2015 ryo ku wa 11/06/2015. Iri tegeko ryasimbuye irya mbere ryariho (Itegeko n° 18/2007).

Riteganya ko abimurwa bagomba kubanza guhabwa ingurane mbere yo kugenda, kandi bakabaririrwa ku biciro bijyanye n'ibiri ku isoko bigenwa n'abagenagaciro babigize umwuga, bakanagira n'uburenganzira bwo kujurira mu gihe batanyuzwe n'uko babariwe.

Itegeko rinateganya igihe ntarengwa cyo kwishyurwa, ahateganywa ko kitagomba kurenza amezi ane. Iyo imyishyurire itinze nyuma y'amezi ane umuntu abaruriwe, itegeko riteganya ko ahabwa inyongera (5%) ku gaciro k'ingurane asabwa.

# Werurwe 2026: abatega imodoka zitwara abagenzi muri rusange biyongereho 15%

**KAMALIZA Agnes**

***Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda, Dr. Justin Nsengiyumva yatangaje ko umubare w'abantu bakoresha bisi zitwara abagenzi mu buryo bwa rusange wiyongereyeho 15%, by'umwihariko mu Mujyi wa Kigali, bitewe n'ingamba Leta y'u Rwanda yafashe zo kunoza uburyo bwo gutwara abagenzi. Ni ingamba zafashwe muri Werurwe 2026 mu rwego rwo guhangana n'izamuka by'ibikomoka kuri peteroli riri guterwa n'intambara yo mu Burasirazuba bwo Hagati yatangijwe na Leta Zunze Ubumwe za Amerika ifatanyije Isiraheli kurwanya Iran.***

Yabigarutseho ku wa 06 Kamena 2026, mu kiganiro n'Abanyamakuru cyagarukaga ku ngingo zitandukanye by'umwihariko ishusho rusange y'ubukungu bw'Igihugu n'imibereho y'abaturage.

bikoreshwe neza. Ati: "Twongereye imbaraga mu modoka rusange; twongeramo imodoka n'ibice zinyuramo kugira ngo dufashe Abanyarwanda badashoboye gutwara imodoka zabo barebe ubundi buryo bakora imirimo yabo kandi turi gutekereza uburyo twagabanya uburyo dukoresha amafaranga dufite muri bi bihe bitari byiza."

Dr. Nsengiyumva yavuze ko gukoresha ubwikorezi rusange ari amahitamo y'umuturage, ariko ko Leta ishyiraho uburyo bufasha abifuza kubukoresha, cyane cyane mu gihe ibiciro bya lisansi na mazutu bikomeje kuzamuka. Ati "Ntabwo duhatira abantu ngo mujye muri bisi zitwara abagenzi mu buryo bwa rusange. Umuntu ushoboye kwishyura ibiciro bya peteroli, umuntu ushoboye kwishyura ubundi buryo bwo kugenda, abifitiye ubushobozi ni

yumva avuga ko ukurikije igiciro cya mazutu cyatangajwe harimo nkunganire kandi Leta izakomeza gukora ibishoboka ngo umuturage yoroherwe. Yagize ati: "Ibiciro bya mazutu byazamutseho 700 bitewe n'izamuka ry'ibiciro ku isoko mpuzamahanga, ukurikije igiciro cyatangajwe harimo nkunganire ingana na 18.26% ibi bivuze ko igiciro twakagombye kuba twatangaje kuri litiro ya mazutu cyakabaye 3 581 Frw ariko mwabonye ko twatangaje 2 927 Frw."

Yongeyeho ko ibyo byakoranwe ubushishozi mu rwego rwo gukumira izamuka ry'ibiciro ku buryo bw'ingendo rusange kandi Guverimoma y' u Rwanda izashyiramo nkungaire ku biciro by'ingendo. Yatanze urugero agira ati:" Nk'urugero ku muntu uva Nyabugogo ajya Musanze yakwishyuye 4 281 Frw hatarimo nkunganire ariko kuko twashyizemo nkunganire




**Abagenzi bagenda mu modoka zibatwara mu buryo bwa rusange bariyongereye guhera muri Werurwe 2026**

Minisitiri Dr. Nsengiyumva yashimangiye ko kuba Leta yarashyize imbaraga mu modoka zitwara abantu mu buryo bwa rusange bigamije kureba ko Igihugu cyabasha kubungabunga ibikomoka kuri peteroli ndetse abaturage bagakora ingendo bitabagoye cyane ko iyo ntambara ikomeje gushyira igitutu ku bihugu biri mu nzira y'Amajyambere n'u Rwanda rurimo. Yagize ati: "Abitabiriye kugenda na bisi biyongereho 15% kandi tuzakomeza kugenda dushyiraho uburyo butuma bakomeza kuba benshi."

Yongeyeho ko kwihaza ku ngufu n'ibikomoka kuri peteroli ari ikibazo kigira ingaruka no ku biciro rusange ariko imodoka rusange zizakomeza gushyirwamo imbaraga kugira ngo na bike bihari uburenganzira bwe bwo kubikoresha."

Nubwo bimeze bityo ariko ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli bikomeje gutumbagira aho ku wa 05 Kamena 2026, Urwego rw'Igihugu Ngenzuramikorere (RURA) rwatangaje ko litiro ya lisansi yagumye ku 2 938 Frw, mu gihe litiro ya mazutu yageze ku 2 927 Frw ni ukuvuga ko yiyongereyeho 700 Frw.

Kuri iyo ngingo Minisitiri Dr Nsengiyumva ashimangira ko ibiciro bya mazatu byazamutse bitewe n'izamuka ry'ibiciro ku isoko mpuzamahanga ariko Leta yashyizemo nkunganire ingana na 18.26%. Iyo hatajyamo nkunganire mazutu yari kugura 3 581 Frw.

Minisitiri w'Intebe, Dr. Nsengiazajya atanga 3 821 Frw nkuko byari bisanzwe. Bivuze ko iyo umuntu aguze itike ya Nyabugogo – Musanze Leta iba imwishyuriye 406 Frw."

Yijeje Abanyarwanda ko u Rwanda ruzakomeza gushyiraho ingamba zose kugira ngo ubukungu budahungabanywa n'izi ngaruka hagamijwe kurengera imibereho myiza y'abaturage ariko abasaba gukomeza kwitwararika birinda gusesagura bageregeza guhangana n'aho ibintu bigeze.

Kuva muri Werurwe 2026, igiciro cya lisansi cyazamutseho 47,7%, kiva ku 1 989 Frw kuri litiro kigera ku 2 938 Frw ari na cyo giciro kiriho muri iyi Kamena, mu gihe mazutu yazamutseho 50,3%, iva ku 1 948 Frw kuri litiro yari iriho muri Werurwe igera ku 2 927 Frw.

# Amateka ahebuje y'u Rwanda na Amerika arimo kwandikwa - Minisitiri Nduhungirehe



**U Rwanda rwifatanyje na USA yizihije imyaka 250 imaze ibonye ubwigenge**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe Olivier Jean Patrick, yatangaje ko icyiciro gihebuje cy'umubano w'u Rwanda na Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) kikirimo kwandikwa nyuma y'imyaka 64 ishize ibihugu byombi bifitanye umubano utanga umusaruro mu nzego zitandukanye.***

Minisitiri Amb. Nduhungirehe yahamije ko ubufatanye bw'u Rwanda na Amerika bwatanze umusaruro mu nzego zirimo ubuzima, ishoramari, ubucuruzi, guhanga ibishya, ibijyanye n'umutekano n'ibindi byinshi.

Yabikomojeho ubwo yitabiraga ibirori byo kwizihiza isabukuru y'Imyaka 250 Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) zimaze zibonye ubwigenge, ku cyicyaro cya Ambasade ya Amerika i Kigali ku mugoroba wo ku wa Kane tariki ya 4 Kamena 2026.

Minisitiri Amb. Nduhungirehe yashimye umubano w'u Rwanda na Leta Zunze Ubumwe za Amerika ugira uruhare rukomeye mu guteza imbere imibereho myiza n'ubukungu bw'abaturage b'u Rwanda.

Yakomeje agaragaza ko ibyiza biri imbere agira ati: "Mu gihe duhanze amaso ku biri imbere, biragaragara ko ibice bihebuje by'umubano w'u Rwanda na Leta Zunze Ubumwe za Amerika bikirimo kwandikwa. Amahirwe ari imbere yacu arasobanutss, kandi dufatanyije twakomeza kubaka ubufatanye butanga inyungu zirambye ku bihugu n'abaturage bacu."

Amb. Nduhungirehe yanagaragaje uburyo ibigo by'ishoramsri byo muri Amerika bikomeje kubyaza umusaruro amahirwe y'ishoramari mu Rwanda, atanga urugero rwa Trinity Metals icukura amabuye y'agaciro arimo na Tungsten, agaragaza cyane mu birombe byo mu Rwanda.

Yavuze ko kuri ubu u Rwanda rwatangiye kohereza ayo mabuye y'agaciro ku isoko rya Amerika binyuze muri icyo kigo, ati: "Ni ibintu byo kwishimira."

Ikigo Trinity Metals cyashinzwe mu 2022 ubwo hahuzwaga ibirombe bitatu birimo icya Nyakabingo gicukurwamo Tungsten (Wolfram), icya Rutongo gicukurwamo Tin (Gasegereti) byombi byo mu Karere ka Rulindo, ndetse n'icya Musha cyo mu Karere ka Rwamagana gicukurwamo Gasegereti na Coltan (Tantalum).

Trinity Metals ifite gahunda y'imyaka itatu y'ishoramari rya miliyoni zisaga 200 z'amadolari ya Amerika, aho izaba ibona umusaruro nibura wa toni 300 w'amabuye y'agaciro ku kwezi. Iryo shoramari rigamije kongera imashini no kuvugurura inganda zitunganya amabuye, aho hateganywa kubakwa uruganda runini ruzajya rutunganya toni 60 z'amabuye y'agaciro mu isaha imwe ruzuzura bitarenze mu mwaka wa 2027.

Mu gusangiza abaturiye ibirombe inyungu ziva mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, iki kigo cyubatse Gare ya Shyorongi yatwaye amafaranga y'u Rwanda asaga miliyoni 500.

Ku rundi ruhande, Amb. Nduhungirehe yanakomoje ku buryo Amerika ari umuhuza w'ingirakamaro mu mishyikirano y'amahoro hagati y'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

Yavuze ko u Rwanda rwizera rudashidikanya ko Amerika yafasha kugarura amahoro mu Karere k'Ibiyaga Bigari mu gihe yakomeza kuba umuhuza w'ibihugu byombi mu buryo butabogamye.

# Abarenga miliyoni 4.4 biyandikishije mu ndangamuntu y'ikoranabunga



**Abamaze kwiyandikisha muri gahunda y'Indangamuntu koranabuhanga barenga miliyoni 4**

**KAMALIZA Agnes**

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Indangamuntu, (NIDA) kigaragaza ko abantu barenga miliyoni 4.4 bamaze kwiyandikisha muri gahunda y'Indangamuntu y'Ikoranabuhanga, (Digital ID) mu gihe ibikorwa byo kwiyandikisha bikomereje mu Turere tw'Intara y'Iburasirazuba.***

NIDA igaragaza ko nyuma yo guhetura Umujyi wa Kigali hagezweho mu Burasirazuba kandi Uturere nka Bugesera, Ngoma na Kirehe twamaze kurangira ariko hasigaye Kayonza, Nyagatare, Rwamagana na Gatsibo.

Umuyobozi wa NIDA, Mukesha Josephine mu kiganiro n'itangazamakuru ku wa 03 Kamena 2026, yemeje ko abarenga miliyoni 4.4 bamaze kwiyandikisha ndetse iyi gahunda iri mu ngamba Igihugu cyihaye hagamijwe koroshya serivisI zitangirwa ku ikoranabuhanga binyuze muri sisiteme imwe yo guhuza amakuru. Yagize ati: "Kugeza ubu tumaze kwandika abaturage barenga miliyoni 4.4 ku rwego rw'Igihugu."

Mukesha avuga ko nyuma yo kurangiza iyo Ntara, iyo gahunda izakomereza no mu bindi bice by'Igihugu kandi na nyuma yaho abaturage bazakomeza kubona aho bibaruriza kuko Imirenge izahabwa ibikoresho. Yagize ati: "Turateganya guha Imirenge yose ibikoresho byifashishwa mu ibarura ku buryo bizafasha abacikanwe n'iki gikorwa kwiyandikisha nyuma, ndetse n'abashaka kuvugurura amakuru yabo."

Nubwo NIDA isaba Abanyarwanda gukomeza kwitabira iyo gahunda ariko igaragaza ko hakiri imbogamizi kuko hari abakwiza ibihuha cyane cyane bizanwa n'amwe mu madini ahuza iyo ndangamuntu n'ubuhanuzi bwa Bibiliya buvuga ko ari umubare 666 w'inyamanswa cyangwa w'ikimenyetso cya Satani.

Icyakora Mukesha avuga ko NIDA ikorana n'abayobozi b'Inzego z'ibanze n'abahagarariye amadini n'amatorero kugira ngo basobanurirwe gahunda n'intego by'imikorere y'iyi gahunda. Yagize ati: "Duhura n'abayobozi mu Nzego z'ibanze n'abahagarariye amadini tugafatanya gusobanura iby'iyi ndangamuntu."

Yongeyeho ko uretse kuba iyi ndangamuntu ari koranabuhanga ariko ntaho itandukaniye n'iyari isanzwe uretse ko umuturage azajya agira ibanga ku makuru ye, yemere cyangwa yange ko asangizwa abandi. U Rwanda ruteganya ko indangamuntu zisanzwe kuva muri Kamena 2027, zizaba zitagikoreshwa ndetse nyuma y'icyo gihe abaturage bazajya bakoresha gahunda nshya y'Indangamuntu y'Ikoranabuhanga.

Iyi ndangamuntu izajya ihabwa umwana ukivuka; izafasha ko abantu bazajya babona umwirondoro byoroshye, kugabanya impapuro zisabwa muri serivisi zitandukanye, kugabanya ingendo zijya ku biro bya Leta, umutekano w'amakuru bwite w'abantu, koroshya serivisi zitangirwa ku ikoranabuhanga n'ibindi.

# Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi i Paris ruzarinda ukuri - Perezida Kagame

NTAWITONDA Jean Claude

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame yashimiye Perezida w'u Bufaransa Emmanuel Macron ku bw'ikimenyetso cy'Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 cyubatswe mu Murwa Mukuru wa Paris rwagati, aboneraho gushimangira ko uru rwibutso ruzakomeza gusigasira ukuri no kukurinda igihe kitagira impuhwe hamwe n'abashaka kugoreka amateka.***

wanda n'amateka yacu. Bityo rero kwibonera itahwa ry'urwibutso nk'uru mu mwanya w'icyubahiro w'uyu Mujyi wa Paris, ni ikintu kidasanzwe."

Yaboneyeho kandi gushimira by'umwihariko Umuyobozi w'Umujyi wa Paris, Emmanuel Grégoire ndetse n'uwo yasimbuye, Anne Hildago kuba baratumye icyo gikorwa gishoboka mu gihe cyazamuye ubwigomeke bw'abafite ibyo bishinja.

zakozwe n'ibihugu byombi zageze ku myanzuro ijya guhura.

Yashimiye kandi uwahoze ari Perezida w'u Bufaransa Nicholas Sarcozy, kuko ari we watangije urugendo rw'imirimo yakozwe kugira ngo u Bufaransa n'u Rwanda bitere intambwe yo kwimakaza ubutwererane bushingiye ku gusigasira ukuri.

Ati: "Mu ruzinduko rwe rw'amateka yagiriye mu Rwanda mu mwaka wa 2010, Perezida Sarkozy

Perezida Kagame yavuze ko u Bufaransa bwari mu mwanya wihariye wo gukurikirana no kugira icyo bukora kuri Jenoside yakorewe Abatutsi yabonywe mbere itutumba, kuko yateguwe ikanageragezwa kenshi n'ubuyobozi bwariho icyo gihe ari na bwo bwari bufitanye umubano wihariye n'u Bufaransa.

Perezida Kagame yavuze ko byatwaye igihe kinini cyane kugira ngo u Bufaransa bwemere uruhare rwabwo, kandi kugeza n'uyu munsi

By'umwihariko yashimiye imbaraga zifatika zatanzwe n'u Bufaransa mu kugeza mu nkiko abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi bacyidegembya muri icyo gihugu, ndetse no guhana icyaha cyo guhakana no gupfobya Jenoside.

Yavuze ko n'uyu munsi u Bufaransa bukiri ingenzi cyane muri Politiki ya Afurika mu Muryango w'Abibumbye no mu yandi mahuriro, bityo bukaba bwitezweho kuba intangarugero ku rwego ruhanitse mu bijyanye n'ukuri ndetse n'ubumuntu, igihe cyose amateka yinjiye muri Politiki igezweho ku mugabane wa Afurika.

Yavuze ko kubaka urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi i Paris bishimangira ko u Bufaransa bwemeye inshingano zidasanzwe bufite zo gukomeza kumurikira amahanga mu kuri n'ubumuntu.

Aho ni na ho yavuze ko u Rwanda rusubira mu mateka ya Jenoside n'imitwarire y'Umuryango Mpuzamahanga rutihenda, kuko Abanyarwanda bazirikana ko inshingano ziremereye za Jenoside ziri muri sosiyete yabo.

Ati: "Abandi babigizemo uruhare ariko ntitwabarenganya kurusha uko twirenganya ubwacu. Iyo myumvire yatubohoreye kubanza kwirebaho, n'imico yacu ikenewe gukosorwa kugira ngo duhindure sosiyete yacu irusheho kuba nziza ku Banyarwanda bose. Ukwiyemeza k'u Rwanda ko kwikura mu mateka ababaje no guharanira ko atazongera gusubirwamo, ntikwigeze gutezuka kandi ntikuzigera kunatezuka."

Yavuze ko u Rwanda rwiyemeje kwigisha urubyiruko gusigasira no kurushaho kwagura ibyagezweho byose uko byaba bingana kose, bityo ko iterabwoba cyangwa igitutu cyose kibaragaza ntacyo cyakora ahubwo kirushako kubongerera imbaraga zo guhagarara bashikamye.

Yavuze ko kurenga inkovu z'amateka bisaba ubushake bwa Politiki ku mpande zose, ari na yo mpamvu umurimo u Bufaransa n'u Rwanda bifatanyije witezweho kubaka ibisekuru by'ahazaza bigizwe n'abaturage bafite impamba ibafasha gusigasira amahoro arambye.

Perezida w'u Bufaransa Macron, na we yavuze ko urwibutso rwubatswe i Paris ari umusaruro w'umurimo ukomeye uhuriweho n'ibihugu byombi bikomeje gukora ibishoboka byose mu kurushaho kwimakaza ubutwererane bushingiye ku kuri no kubahana.




**Perezida Paul Kagame yavuze ko Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwatashywe i Paris mu Bufaransa, ruzarinda ukuri**

Perezida Kagame yabikomojeho mu gikorwa cyo gutaha icyo kimenyetso ku wa Kabiri tariki ya 02 Kamena 2026, aho yagaragaje agaciro gakomeye k'urwo rwibutso ku mateka no ku kurushaho gusigasira ubutwererane bw'u Rwanda n'u Bufaransa bushingiye ku guharanira ukuri.

Yagize ati: "Uru rwibutso ruri imbere yacu rurakomeye cyane kuko rushyira ukuri ku ibuye ndetse rukakurinda igihe kitagira impuhwe binyuze mu kuburira abakiriho. Ntabwo ari urwo kudushimisha kuko nta na kimwe muri byo gikenewe, ariko ruzakomeza guhagarara nk'ikimenyetso cy'icyubahiro n'agaciro k'Abanyar-

Ati: "Guhangana n'inshingano z'amateka bisaba ubutwari bwa nyabwo kuko birema ubwigomeke bukomeye buva mu bafite ibyo bishinja. Uba ukeneye ubumuntu kugira ngo ibyo ube wabinyuramo."

Nanone kandi yashimiye Perezida Macron ubutwari n'ubumuntu byamuranze bikomeje kumuranga mu guharanira gushyira imbere ubumuntu n'ukuri.

Yagarutse ku buryo mu myaka itanu ishize Macron yaje i Kigali akemera ko u Bufaransa bwashoboraga guhagarika Jenoside ariko ntibubikore, nyuma ya raporo

yemeye amakosa akomeye yakozwe n'u Bufaransa, anavuga ko batageze ku nshingano zo guhagarika Jenoside."

Yanashimiye kandi abanyamakuru b'Abafaransa, abaharanira uburenganzira bwa muntu n'abashakashatsi batigeze badohoka mu kugaragaza ukuri, abahamiriza ko imbaraga bashyize mu guharanira ko inkuru ya Jenoside yakorerwaga Abatutsi ivugwa zarokoye ubuzima bw'abatagira ingano kandi zihesha icyubahiro abazize Jenoside.

U Bufaransa ntibwatsikiye bwonyine

ngo hari ingingo ibihugu byombi bitemeranyaho 100% ari naho yahereye yihanganisha abarokotse Jenoside n'impirimanyi ziharanira uburenganzira bwa muntu bakomeza kubaho batanyuzwe n'amakuru yemerwa na Leta ahabanye n'ukuri.

Ati: "Gusa nizera ko umurimo duhuriyeho watangije urugendo rutuganisha ku kuri kudashobora guhinyuka, kandi u Bufaransa ntibwatsikiye bwonyine; si ko bimeze. N'ibindi bihugu byaradohotse ariko nta na kimwe cyateye intambwe ngo kigere kure nk'u Bufaransa bwasubije ibintu mu buryo bukemera uruhare rwabwo mu bihe by'icuraburindi byabaye."

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Uko wakwitwara mu gihe Isi ihanganye n'ihindagurika ry'ibiciro*

Isi iri mu bihe bikomeye by'ihungabana ry'ubukungu, riterwa n'intambara, imihindagurikire y'ibihe, n'izamuka ry'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli ahanini byatewe n'intambara yo mu Burasirazuab bwo Hagati, aho ingano nini y'ibikomoka kuri Peteroli ituruka. Ibi byose byagize ingaruka ku ruhererekane rw'ubucuruzi mpuzamahanga, bituma ibihugu byinshi bikomeza guhangana n'ihindagurika rikomeye ry'ibiciro ku masoko.

Kimwe n'ibindi bihugu, u Rwanda rwagezweho n'ingaruka zatewe n'iyi ntambara ndetse ruri mu rugamba rwo guhangana n'izo ngaruka. Kubera ko u Rwanda rukoresha byinshi bitumizwa mu mahanga, by'umwihariko ibikomoka kuri peteroli, ubuzima bwa buri munsi bw'abaturage bugirwaho ingaruka aho bari hose.

Imibare igaragaza ko ibiciro by'ibicuruzwa na serivisi mu Rwanda byakomeje kuzamuka mu nzego zitandukanye: Ubwikorezi, ibiribwa, ibinyobwa, ndetse na serivisi z'amahoteli n'amaresitora. Ibi byose bifitanye isano ya bugufi n'ihungabana ry'isoko mpuzamahanga.

Leta y'u Rwanda ikomeje gufata ingamba zigamije kugabanya uburemere bw'iri hindagurika ry'ibiciro ku isoko harimo na nkunganire Leta itanga ku bicuruzwa nkenerwa birimo n'ibikomoka kuri Peteroli kugira ngo umuturage akomeze koroherwa n'ubuzima. Ariko izi nshingano ntizikwiye kuba iza Leta gusa; n'umuturage asabwa kugira uruhare mu kubungabunga bike bihari. Mu bihe nk'ibi, Abanyarwanda bakwiye kuzirikana iby'ingenzi bikurikira:

Gukoresha neza umutungo birinda gusesagura, gushyira imbere ibikenewe kurusha ibindi, no kugira gahunda yo kuzigama. Umuryango ufite igenamigambi ryiza ry'imikoreshereze y'amafaranga urushaho kwihanganira ihungabana ry'ubukungu.

Gushyigikira ibikorerwa imbere mu gihugu cyane cyane ibikomoka ku musaruro w'ubuhinzi n'inganda z'imbere mu gihugu bigabanya kwishingikiriza ku bicuruzwa bitumizwa hanze, bikanashimangira gahunda yo kwihaza mu biribwa no guteza imbere inganda zacu.

Kugira amakuru yizewe y'ubukungu atangwa n'inzego zizewe, kwirinda ibihuha bishobora gutera ubwoba no gutuma abantu bafata ibyemezo bihubutse.

By'umwihariko abaturarwanda barashishikarizwa gukoresha imodoka za rusange dore ko Leta yashyizeho gahunda ihamye yo gutuma izi modoka zihuta kandi inyinshi zikoresha amashanyarazi.

Abanyarwanda kandi barashishikarizwa kugura no gukoresha imodoka zikoresha amashyanyarazi kuko ni icyerecyezo cya politiki mpuzamahanga ndetse n'u Rwanda; ibinyabiziga bikoresha ibikomoka kuri peteroli bizagenda bigabanywa mu rwego rwo kutangiza ikirere no guhangana n'imihandagurikire y'ikirere.

**Ubwanditsi**

# Ibyo tuvuga si amakuru, si amateka twasomye, twari duhari - Dr. Biruta




**Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu yifatanyije n'abandi kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ku Rwibutso rwa Kabgayi**

**NYIRANEZA Judith**

***Minisitiri w'Umutekano Dr. Biruta Vincent yagaragaje ko Jenoside atari impanuka kandi itanatewe n'urupfu rw'uwari perezida Habyarimana Juvenal nk'uko abahakana n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 babivuga, ahubwo ifite imizi mu mateka ya kera, uhereye igihe cy'umwaduko w'abazungu, mu gihe cya Repubulika ya I n'iya II.***

Yabigarutseho mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kabgayi ku ya 2 Kamena 2026, avuga ko Kabgayi yari ifite umwihariko, kandi amateka yaho atari inkuru mbarirano kuko yahize. Yagize ati: "Icyo gihe ibyo bamwe bavuga ntabwo ari amakuru, ntabwo ari amateka twasomye kuko twari duhari, muri 73 igihe bicaga abafurere hano i Kabgayi, njye ubwanjye nari hano i Kabgayi kuko nigaga mu Iseminari nto St. Leon Kabgayi."

Dr. Biruta yahishuye uburyo Kabgayi ari ipfundo ry'ingengabitekerezo ya Jenoside. Ati: "Kabgayi ni yo soko y'ingengabitekerezo ya Jenoside bihereye ku mateka ya gatolika na Musenyeri André Perraudin wari uyikuriye, MDR PARMEHUTU yari ifite icyicaro gikuru hano n'uwari Perezida Kayibanda Gregoire wari utuye hano muri ibi bice.

Abakuze muri aha muribuka icunaguzwa ry'Abatutsi guhera mu 1959, Abatutsi baratwikiwe, bakicwa abandi bacirwa ishyanga, Abatutsi birukanwaga mu kazi no mu mashuri ndetse bakanicwa bamwe bicirwa hano i Kagabayi n'i Shyogwe mu 1973."

Yakomeje asobanura ko gahunda yari ugukomereza ku iseminari uwo munsi baranagota hasigaye kwinjira ngo bice, hanyuma uwari umuyobozi wabo ndetse padiri Rusingizandekwe, ababwira ko yatabaje Musenyeri Perraudin, kubwira abanyeshuri bari mu gikorwa cy'ubwicanyi kuri bo byarashobokaga, kuko bababwiye ngo nibagende bakagenda, bakajya gusahura mu maduka i Gitarama.

Ati: "Uwo munsi twararokotse, hari mu mpera z'ukwa 2, ariko ntibyabujije hagati mu kwezi kwa 4 n'ubundi ibikorwa byarakomeje twarakubiswe turameneshwa, turagenda bamwe barakomereka bikomeye batubera ibitambo. Ariko amateka tuvuga ahangaha ntabwo ari ayo ibyo twasomye mu bitabo cyangwa twumvise abandi bavuga ngo tubisubiremo."

Dr. Biruta yagarutse ku buryo ubuyobozi bw'icyo gihe butashakaga kwakira impunzi z'Abatutsi zari zarahunze. Yagize ati: "Mu 1982, ubwo impunzi z'Abatutsi birukanwaga muri Uganda, u Rwanda rukabasubizayo ngo u Rwanda rwaruzuye nk'ikirahure cyuzuye amazi, muribuka igeragezwa rya Jenoside mu cyahoze ari Kibirira mu 1990 n'ahandi, ibi byoswe nta sano byari bifitanye n'ihanuka ry'indege, muribuka nanone ijambo ryavuzwe na Leon Mugesera ku Kabaya n'irya Bagosora wavuze ko agiye gutegura imperuka y'Abatutsi, byose ni ibikorwa bya mbere ya Mata 1994."

Yanagaragaje uburyo Leta yiyise iy'Abatabazi yashyize mu bikorwa kandi ikihutisha Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Yagize ati: "Mu cyahoze ari Komini Nyamabuye, Jenoside yatangiye gushyirwa mu bikorwa nyuma y'itariki 18 Mata 1994, ubwo leta yiyise iy'Abatabazi yazaga gukorera i Murambi batangiye gushyiraho bariyeri ahantu hose, ahantu hatandukanye, hagati aho Abatutsi baturutse muri Kigali n'ahandi mu zindi Perefegitura bari bamaze guhungira i Kabgayi no mu nkengero zaho.

Impunzi zahungiye i Kabgayi zizeye ko zishobora kuhabona ubuzima kubera icyizere bari bafitiye inzu yitirirwa Imana n'abihayimana, uretse kuba hari hasanzwe hubashwe kubera icyicaro cya Diyoseze Gatolika, i Kabgayi hari n'ibyangombwa byaramira ubuzima nk'amacumbi, ibitaro, ibiribwa n'ubunini bwaho byatuma hakira abantu benshi."

Yongeyeho ati: "Mu 1994, i Kabgayi hahungiye abasaga 50 000 baturutse mu bice byose by'Igihugu bahizeye amakiriro kubera isano n'amateka akomeye hafitanye n'iyobokamana, ariko mu bahahungiye abagera 12 219 muri bo baruhukiye hano muri uru rwibutso, uyu munsi hariyongeraho n'abandi 8."

Akomeza agira ati: "Ku ya 2 Kamena 1994, ngira ngo ni wo wari umunsi wa nyuma w'abari bataricwa kuko batubwira ko aha hose hari hagoswe, hasigaye gusa ko hatangwa ikimenyetso cyo gutangira kwica noneho bagakubura bikarangira. Uwo munsi ni bwo Inkotanyi zageze i Kabgayi zirokora Abatutsi bari bataricwa, bakaba batari bageze no 15 000 ku 50 000 byari byarahahungiye."

Minisitiri Dr. Biruta yagaye Umuryango Mpuzamahanga warebereye, ugatererana Abatutsi bicwaga kimwe n'abadatanga amakuru y'ahahereye imibiri y'Abatutsi bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ngo ishyingurwe mu cyubahiro

# Dakar: Hibutswe Mbaye Diagne watabaye abasaga 1 000 muri Jenoside yakorewe Abatutsi

**NTAWITONDA Jean Claude**

***I Dakar muri Sénégal, habaye igikorwa cyo kwibuka no guha icyubahiro Captain Mbaye Diagne watabaye ubuzima bw'abarenga 1 000 mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ubwo yari mu Butumwa bw'Umuryango w'Abibumbye bwo kubungabunga Amahoro mu Rwanda (MINUAR).***



Ambasaderi Festus Bizimana yitabiriye uwo muhango

Icyo gikorwa cyabaye ku itariki ya 31 Gicurasi, kibera ku Rwibutso rwa Captain Mbaye Diagne rwubatswe mu Mujyi wa Dakar rwagati cyitabiriwe na Ambasaderi w'u Rwanda muri Sénégal Festus Bizimana waherekejwe n'Umugaba Mukuru w'Ingabo z'icyo gihugu Gen. Simon Ndour.

Captain Mbaye Diagne yari umusirikare wo muri Senegal wakoreraga Umuryango w'Abibumbye mu butumwa bwa MINUAR hagati y'umwaka wa 1993 n'uwa 1994, Jenoside yakorewe Abatutsi ikaba yarabaye bafite amabwiriza ababuza kwivanga mu bikorwa by'intambara cyangwa gutabara abaturage mu buryo bwa gisirikare.

Yavukiye ahitwa i Koki muri Senegal ku wa 18 Werurwe 1958, akaba yarize amashuri kugeza ageze muri Kaminuza ya Dakar. Asoje kaminuza, yinjiye mu gisirikare cya Sénégal maze aza koherezwa mu Rwanda nk'indorerezi ya gisirikare y'Umuryango w'Abibumbye.



I Dakar muri Senegal bibutse Mbaye Diagne wari muri MINUAR watabaye Abatutsi basaga 1 000 muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Uko yabaye intwari muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Jenoside yatangiye nyuma y'ihanurwa ry'indege yari itwaye Perezida Juvénal Habyarimana ku wa 6 Mata 1994. Mu gihe amahanga menshi yari yatangiye gukura abasirikare bayo mu Rwanda, Capt. Mbaye Diagne we yahisemo kuguma mu gihugu.

Kimwe mu bikorwa bya mbere byamugize ikimenyabose ni ugukiza abana bane ba Minisitiri w'Intebe Agathe Uwilingiyimana wari umaze kwicwa n'abicanyi ku wa 7 Mata 1994, akaba yarabahishe mu modoka ye ya LONI maze abageza ahantu hatekanye.

Nyuma y'aho, yatangiye ibikorwa byo gutabara abantu buri munsi yanyuzaga Abatutsi mu modoka yatwaraga y'Umuryango w'Abibumbye kuri bariyeri zari zuzuyemo Interahamwe n'abasirikare ba Leta. Akenshi yabaga adafite intwaro, ahubwo agakoresha ubwenge, ibiganiro no gutanga ibintu bike nk'itabi cyangwa amafaranga kugira ngo bamureke akomeze urugendo.

Abantu yarokoye ntibazwi neza umubare wabo, ariko ibigereranyo byinshi bivuga ko yarokoye kuva ku magana menshi kugeza ku bantu barenga 1,000.

Ubutwari bwarenze amabwiriza

Mbaye Diagne yakoraga ibi byose mu gihe amabwiriza ya Loni atemereraga indorerezi za gisirikare kujya mu bikorwa byo gutabara abaturage. Yafashe icyemezo cyo kurenga ayo mabwiriza kuko yabonaga ubuzima bw'abaturage buri mu kaga gakomeye.

Ibi byatumye bamwe mu bamubonye bakamwita intwari irusha izindi ubutwari. Mu gihe benshi mu bari mu butumwa bwa Loni bari bafite ubushobozi buke bwo guhagarika ubwicanyi, Capt. Mbaye Diagne yafashe icyemezo cyo gukora icyo ashoboye ku giti cye kugira ngo arokore abantu benshi bashoboka.

Urupfu rwe i Kigali

Ku wa 31 Gicurasi 1994, hasigaye iminsi 12 gusa ngo asubire iwabo muri Sénégal, Capt. Mbaye Diagne yari atwaye ubutumwa bwihutirwa, ageze kuri bariyeri i Kigali, igisasu cya mortier cyaturutse mu mirwano cyaturikiye hafi y'imodoka ye, icyuma cyaturutse kuri icyo gisasu kimukubita mu mutwe ahita apfa.

Yari afite imyaka 36

Urupfu rw'uyu musirikare wari ufite imyaka 36 y'amavuko, rwababaje cyane abo bakoranaga muri MINUAR ndetse umurambo we woherezwa muri Sénégal ahabwa icyubahiro cya gisirikare. Mu myaka yakurikiyeho, ibikorwa bya Capt. Mbaye Diagne byagiye bihabwa agaciro ku rwego mpuzamahanga, aho mu 2005 yahawe umudali w'ikirenga wa Sénégal, National Order of the Lion.

Mu 2010, Perezida wa Repubulika Paul Kagame yamuhaye umudali witwa UMURINZI kubera uruhare yagize mu kurokora Abatutsi batagira ingano muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu 2014, Umuryango w'Abibumbye washyizeho Umudali wihariye wiswe "Captain Mbaye Diagne Medal for Exceptional Courage", uhabwa abakozi ba Loni bagaragaza ubutwari budasanzwe mu butumwa bw'amahoro.

Captain Mbaye Diagne afatwa nk'umwe mu bantu bake cyane bagaragaje ubutwari budasanzwe mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Mu gihe Isi yarebaraga, we yahisemo gushyira ubuzima bwe mu kaga kugira ngo arokore ubuzima bw'abandi.

Ku ya 31 Gicurasi, mu Rwanda, muri Sénégal no muri Loni izina rye rifatwa nk'ikimenyetso cy'ubumuntu, ubutwari n'ishingano zo kurengera abasivili igihe bari mu kaga.

# Ingabo z'u Rwanda ziri muri UNMISS zakoze Umuganda



Ingabo z'u Rwanda zifatanyije n'izindi nzego z'umutekano zaturutse mu bihugu bitandukanye zihuriye mu butumwa bwa Loni zikora umuganda rusange

IMVAHO NSHYA

***Ingabo z'u Rwanda ziri mu butumwa bw'Umuryango w'Abibumbye bwo kubungabunga amahoro muri Sudani y'Epfo (UNMISS), zafatanyije n'ingabo zituruka mu bindi bihugu, Polisi y'Umuryango w'Abibumbye ndetse n'abakozi b'abasivili mu gikorwa cy'Umuganda w'isuku no kubungabunga ibidukikije.***

Ni umuganda wabereye ku Ishuri Ribanza rya Juba mu Murwa Mukuru wa Sudani y'Epfo ku wa Kane, tariki ya 4 Kamena 2026.

Uyu Muganda wibanze ku gusukura, gutera ibiti, gukusanya imyanda no gutema ibihuru byo kuri iri shuri.

Iki gikorwa cyateguwe n'Ingabo z'u Rwanda mu rwego rwo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ibidukikije. Mu rwego rwo kurushaho gufasha abanyeshuri, abo basirikare bakoze kandi ubukangurambaga bwo kwirinda no kurwanya icyorezo cya malariya, babigisha ibitera iyo ndwara, ibimenyetso biyiranga, ndetse n'uburyo bwo kuyirinda.

Ishami rya Loni ryita ku Buzima (OMS), rigaragaza ko abarenga miliyoni 3,8 bo muri Sudani y'Epfo basanzwemo malariya mu 2024.

U Rwanda rumaze igihe rwohereza ingabo na Polisi mu butumwa bwa UNMISS, bagiye ibikorwa by'indashyikirwa mu kugarura umutekano no guharanira imibereho myiza y'abo bacungira umutekano.

Kuva mu 2012, izi ngabo zagiye zihabwa ibihembo na Loni kubera ubutwari n'ubunyamwuga mu kurinda abaturage no gutabara ubuzima.

Usibye inshingano zabo za gisirikare, izo ngabo zizwiho ibikorwa byo gufasha abaturage birimo gutanga serivisi z'ubuvuzi z'ubuvuzi mu bice bitandukanye no gutabara abakozi ba Loni bari mu kaga, kubaka ibigo by'amashuri, gutera ibiti no guhugura abangavu mu kwitabara.

Muri rusange, Ingabo z'u Rwanda zifasha cyane mu kugenzura iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu no gucunga umutekano mu duce twibasiwe n'amakimbirane.

Kuri ubu, u Rwanda rufatwa nk'igihugu cya gatatu ku Isi mu kugira abasirikare n'abapolisi benshi mu butumwa bwa Loni bwo kubungabunga amahoro.

# Abatangiye ibizamini ngiro bibukijwe ko kubikora bidasaba kurara amajoro

KAMALIZA Agnes

***Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) yasabye abanyeshur 74 085 batangiye ibizamini ngiro bisoza amashuri yisumbuye y'umwaka wa 2025/26 kwirinda kurara amajoro kuko gutsinda ibyo bizamini bitabasaba kurara amajoro badasinziriye; kuko ibyo bishobora kubatera umunaniro ubabuza kubikora neza no gutsinda uko bikwiye.***

Ni ibyagarutsweho n'Umunyamabanga wa Leta muri MINEDUC, Irere Claudette ku wa 03 Kamena 2026, ubwo yatangizaga ku mugaragaro ibyo bizamini ku Ishuri ryisumbuye rya Kagarama riri mu Karere ka Kicukiro.

Abatangiye gukora ibyo bizamini ni abiga amasomo arimo; ay'Imyuga n'Ubumenyi Ngiro, Nderabarezi, Ibarurishamibare, Ubuforomo n'abiga ibya Siyansi, bose hamwe bangana na 74 085 barimo 70 504 basanzwe biga mu mashuri n'abandi 3 581 bigenga.

Irere yasabye abo banyeshuri kutagira ubwoba n'igihunga bagakora ibizamini batuje kandi bakirinda kurara amajoro badasinziriye kuko gutsinda bidasaba ayo majoro, aboneraho gusaba ababyeyi n'abayobozi b'amashuri kubafasha.

Yagize ati: "Hari igihe umwana aza mu kizamini bigaragara ko ataruhutse, yagize ubwoba aho ni ho ababyeyi n'abayobozi b'amashuri bagomba guhuriza hamwe kugira ngo dufashe umwana. Gukora ikizamini ntabwo bivuze ko urara amajoro ukananirwa gukora ibindi."

Irere yasabye abarimu n'ababyeyi gukomeza gufasha abanyeshuri mu buryo bwose hato ngo batagira icyo bakenera bakakibura.

Bamwe mu banyeshuri bari muri ibyo bizamini biga ibya siyansi mu Ishuri ryisumbuye rya Kagarama bagaragaje ko nta bwoba bafite bwo kubikora cyane ko biteguye bihagije.

Mukabaranga Manstula yagize ati: "Si ubwa mbere ngiye gukora ibizami kuko kuva no mu mashuri abanza narabikoraga kandi tumaze iminsi myinshi tubyitegura."

Habineza Manzi Aime na we ati: "Niteguye neza kuko nashyizemo imbaraga niga kandi ndashaka kugaragaza ko ubumeyi mfite buzanafasha sosiyete hanze."

Abari gukora ibizamini ngiro mu mashami ya tekiniki, imyuga n'ubumenyi ngiro bangana na 42 830, abiga siyansi ni 56 815 mu gihe abo mu ishami nderabarezi ari 4 051.



Umunyamabanga wa Leta muri MINEDUC, Irere Claudette atangiza ibizamini

# Ubuke bw'abaganga babaga butuma hari abarwayi bamara imyaka 2 batarabagwa



Abaganga babaga baracyari bake

**ZIGAMA Theoneste**

***Urugaga rw'Abaganga Babaga mu Rwanda rwerekanye ko ubuke bw'abaganga b'inzobere mu kubaga indwara zitandukanye bukomeje kuba ikibazo gikomeye, bigatuma bamwe mu barwayi batinda kubona serivisi zo kubagwa, aho hari n'abategereza kugeza ku myaka ibiri mbere yo kubagwa.***

Ibi byagarutsweho ku wa 5 Kamena 2026 mu biganiro nyunguranabitekerezo byahuje abaganga babaga bakorera mu bitaro bya Leta n'ibyigenga byibanze kuguteza imbere urwego rw'ubuvuzi. Perezida w'Urugaga rw'Abaganga Babaga mu Rwanda, Prof. Ntirenganya Faustin, yasobanuye ko icyuho cy'abaganga babaga kigihari, bikagira ingaruka ku gihe abarwayi bamarira bategereje serivisi.

Yagize ati: "Uyu munsi mu Rwanda dufite abaganga babaga ni 226, mu gihugu gituwe na miliyoni zisaga 14. Byerekana ko nuza kwa muganga bakaguha gahunda (rendez-vous) yo kuzabagwa mu myaka 2, ntabwo ari ukukuranga-rana."

Yavuze ko igihugu gifite gahunda y'imyaka itanu (2026–2030) igamije kongera umubare w'abaganga babaga no guteza imbere ibikorwa remezo bikenewe muri uru rwego. Yagize ati: "Abaganga babaga bazigishwa, harimo n'inyubako n'ibikoresho ndetse na sisitemu y'uburyo abarwayi bazimurwa bajyarwa mu bitaro."

Prof. Ntirenganya yavuze ko igihugu gikenera nibura abaganga babaga 1 400 kugira ngo abarwayi bose babone serivisi ku gihe. Ati: "Hari uza tukamubwira ngo uzagaruke kundebe nyuma y'imyaka 2, dufashe nk'aho mvura muri CHUK, kugira uze tubonane byagutwara nk'amezi 8 kugera kuri 12, ariko kugira ngo uze nkubage byagutwara arenze ayo ngayo, urumva ko hakirimo icyuho."

Yanakomoje ku kibazo cy'ubuke bw'ibyumba bikorerwamo ibikorwa byo kubaga, avuga ko na byo biri mu bituma serivisi zitihuta nk'uko bikenewe. Ati: "Uyu munsi dufite munsi y'inzu ibagirwamo imwe ku baturage 100 000, twagakwiye kuba dufite nk'eshanu tugakuba gatanu izo dufite."

Umuyobozi w'ibitaro bya Ejo Heza Surgical Clinic, byizihije imyaka 10 bimaze bitanga serivisi ziganjemo izo kubanga uburwayi butandukanye, Dr. Mugenzi Dominique Savio, na we yagaragaje ko ikibazo cy'ibikoresho bidahagije kikigaragara mu mavuriro atandukanye y'u Rwanda gituma umubare w'abatinda kubona serivisi ukomeza kwiyongera.

Yagize ati: "Ejo Heza Surgical Clinic, twasuye ibitaro bya Ruhengeri, batubwiye ko abategereje kubagwa ari 800, twabashije kuvura abageze ku 150 mu munsi umwe."

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubuzima Dr Ndayizigiye Jean Marie Vianney yashimangiye ko Leta y'u Rwanda ikomeje gahunda yo guharanira ko serivisi z'ubuvuzi zigera kuri bose kandi zizewe.

Yagize ati: "Kubona serivisi zizewe, zitangirwa ku gihe, zihendutse kandi zifite ireme mu kubaga, ububyaza ndetse no mu gutanga ikinya ni imwe mu nkingi z'ingenzi zo kugera ku bwishingizi bw'ubuzima busesuye kuri bose (Universal Health Coverage).

Mu gihe u Rwanda rukomeje gushimangira urwego rw'ubuzima, serivisi z'ubuvuzi zitangirwa abarwayi mbere, mu gihe, na nyuma yo kubagwa (perioperative care) zikomeje kuba urwego rukeneye ishoramari rihuriweho, udushya ndetse n'ubufatanye bw'inzego zitandukanye."

Yakomeje avuga ko gahunda y'Igihugu y'Ingamba zo Guteza Imbere Serivisi za Perioperative Care mu Rwanda itanga umurongo ngenderwaho wo kunoza uburyo abaturage babona izi serivisi, kuzamura ireme ryazo, umutekano w'abarwayi, ubushobozi bw'abakozi bo mu rwego rw'ubuzima, ibikorwa remezo ndetse n'itangwa rya serivisi.

Uwo muyobozi yakomeje avuga ko ishyirwa mu bikorwa ry'iyi gahunda no kugera ku ntego zayo bizashingira ku bushake, ubufatanye n'ubwitange bwa buri wese bireba.

Mu ntego z'Urugaga rw'Abaganga Babaga harimo kongera umubare w'abaganga babaga binyuze mu guhugura no kwigisha abashya, kugira ngo igihugu kigere ku mubare ukenewe ujyanye n'abarwayi bakeneye serivisi. Biteganyijwe kandi ko mu myaka itanu iri imbere hazubakwa ibyumba 348 by'abarwayi, mu rwego rwo gukomeza kunoza no kwagura serivisi z'ubuvuzi.

Imibare yakusanyijwe n'Urugaga rw'Abaganga Babaga mu Rwanda, igaragaza ko mu Bitaro bya Kaminuza bya Kigali (CHUK) honyine kuri ubu, hari abarwayi bagera ku 3 000 bategereje kubagwa. Mu bindi bitaro bitandukanye na ho habarurwa abarwayi basaga 1 000 bategereje izo serivisi, mu gihe ku rwego rw'Igihugu hose habarurwa abarwayi basaga ibihumbi 100 bategereje kubonana n'abaganga b'inzobere mu kubaga ngo zibahe ubuvuzi bakeneye.

# Kuri Ebola turadadiye - Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva



Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yavuze ko  u Rwanda ruhagaze neza mu kwirinda icyorezo cya Ebola



U Rwanda rwakajije ingamba zo kwirinda Ebola

**KAMALIZA Agnes**

*Kuri Ebola turadadiye ubwirinzi burahari nta mpungenge dufite." Ni ibyagarutsweho na Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin ku wa 06 Gicurasi 2026 mu kiganiro n'itangazamakuru aho yashimangiye ko u Rwanda ruhagaze neza mu rwego rwo kwirinda icyorezo cya Ebola cyugarije Ibihugu by'abaturanyi birimo Uganda na Repubulika ya Demokarasi ya Congo (RDC) ariko Abanyarwanda basabwa gukomeza kwirinda kuko kuyandura bishoboka.*

Icyorezo cya Ebola cyongeye kwaduka muri RDC na Uganda muri Gicurasi 2026, aho Ebola iterwa na virusi yiswe Bundibugyo yibasiye cyane u Burasirazuba bw'icyo Gihugu mu Ntara ya Ituri na Kivu y'Amajyaruguru n'Amajyepfo ikica abantu amagana abandi bakayandura ndetse ikadukira na Uganda.

Ibyo byatumye u Rwanda rukaza ingamba z'ubwirinzi nyuma y'uko Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (OMS) rigaragaje ko ibihugu by'abaturanyi biri mu byago byo kwanduzanya icyo cyorezo.

Minisitiri Dr. Nsengiyumva yashimangiye ko nubwo u Rwanda rudadiye ku ngamba z'ubwirinzi ariko Abanyarwanda batagomba kwirara bakwiye gukomeza kugira isuku ndetse ugize bimwe mu bimenyetso akihutira kujya kwa muganga.

Yagize ati: "Uretse ko kuba tudadiye bitavuze ko tugomba kwirara, turamenyesha abaturage dukwiye kwirinda tukagira isuku, ugize ikimenyetso yihutire kwivuza ariko nta byacitse."

Yagaragaje kandi ko nubwo u Rwanda ruturanye n'Ibihugu byugarijwe na Ebola ariko rutabijenjekera kandi bitavuze ko na rwo rutagerwaho ariko ikigamijwe ari ugukaza ubwirinzi kugira ngo ikumirwe. Yagize ati: "Nubwo twiteguye ntitujenjeke ntitubifate nkaho bitatugeraho, tuzakora ku buryo bitatugeraho ariko mudufashe."

Yongeyeho ko ku bufatanye na Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE) bazakomeza gukurikiranira hafi ibya Ebola mu buryo buhamye ari na ko Abaturarwanda barushaho kumenyeshwa ingamba zo kwirinda buri wese akagira ubumenyi ku byo akwiye kwigengesera.

Minisitiri w'Ubuzima Dr. Sabin Nsanzimana yashimangiye ko u Rwanda rufite ubushobozi bwo gupima ubu bwoko bushya bwa Ebola biterwa na virusi ya Bundibugyo kandi bakomeza gukorana bya hafi n'abakora mu nzego z'ubuzima. Yagize ati:" Turiteguye bihagije kandi tuzakomeza kwigisha abaturage uko bakwirinda Ebola."

Mu mpera za Gicurasi 2026, OMS yatangaje ko imibare y'abakomeje kwandura Ebola muri RDC ikomeje gutumbagira aho bikekwa ko abarenga 900 bayanduye, ikica abarenga 200.

Ebola ni indwara iterwa na virusi yitwa Ebola ariko ubwoko bwa Virusi bwayo bwabonetse muri RDC na Uganda bwahawe izina rya Bundibugyo.

MINISANTE ivuga ko ubusanzwe virusi ya Ebola yibera mu mubiri w'ubwoko bumwe bw'uducurama ntidutere kurwara ariko tukayikwirakwiza kandi yibasira abantu ndetse n'inyamanswa z'inyamabere zo mu ishyamba.

Ebola irandura cyane ku buryo ishobora kwica hagati ya 50%-90% by'abayirwaye

Inzego z'ubuzima zigira inama abantu yo kugira isuku bagakaraba amazi meza n'isabune kenshi kandi bakihutira kujya kwa muganga mu gihe bakwiyumvamo ibimemyetso byayo birimo umuriro mwinshi, kubabara umutwe, guhitwa cyane kandi kenshi, kubabara imikaya no mu ngingo, kuruka, kubabara mu nda no mu muhogo, gutukura amaso, gucika intege no kuribwa mu ngingo, gusesa ibiheri ku mubiri no kuva amaraso ahari umwenge hose.

# Impanuro z'Umuyobozi w'umugore witabiriye Inama Nyafurika y'Abayobozi b'ibigo i Kigali

NTAWITONDA Jean Claude

***Inama Nyafurika y'Abayobozi b'Ibigo (Africa CEO Forum) yateraniye i Kigali hagati y'itariki 14 na 15 Gicurasi 2026, yasize hasinywe amasezerano n'inkunga zemejwe gutangwa bifite agaciro ka miliyari 3 z'amadolari ya Amerika, yitezwe kugira uruhare rukomeye mu kwagura ubufatanye bwa Leta n'abikorera mu guteza imbere Umugabane wa Afurika.***

Abagore bo mu Rwanda na Afurika muri rusange, bahawe ikaze mu kubyaza umusaruro ayo mahirwe y'ishoramari n'inkunga zabafasha kwiteza imbere no guhindura icyerekezo cya Afurika.

Mu kiganiro cyihariye Imvaho Nshya yagiranye na Madamu Coura Carine Sène, Umuyobozi w'Ikigo Wave Mobile Money witabiriye Africa CEO Forum, yagarutse ku buryo iyi nama yafunguye amahirwe akomeye ku bagore bo muri Afurika, anatanga impanuro zikomeye zafasha kurushaho kubaka ubukungu burambye muri Afurika.

Ibikurikira ni ibibazo n'ibisubizo aho uyu mugore ukomoka muri Sénégal yibanda ku gusobanura uburyo gushyigikira ubucuruzi bw'abagore atari igikorwa cy'ubugiraneza ahubwo ari ugutabara ubukungu bwa Afurika mu gihe kirambye.

Imvaho Nshya: Ni ayahe mahirwe inama nka Africa CEO Forum zirema mu kwagura ikoranabuhanga mu rwego rw'imari no korohereza ba rwiyemezamirimo b'abagore muri Afurika kugera ku gishoro?

Madamu Coura: Inama nka Africa CEO Forum ni ingenzi cyane kubera ko zihuriza hamwe abantu bashobora guhindura icyerekezo cy'ubucuruzi ku mugabane. Abayobozi ba Politiki, abashoramari, ibigo by'imari, abafatanyabikorwa mu iterambere n'abayobozi n'ibigo by'abikorera, bose bahuriye ku kibazo kimwe niba dushaka ikoranabuhanga mu rwego rw'imari kuva ku kugeza serivisi ku baturage rikagera ku gutanga umusaruro ufatika mu bukungu.

Kuri Wave Mobile Money, amahirwe ahari ni ayo gufasha guhindura ibiganiro bikajya mu ngiro. Kudaheza mu rwego rw'imari ntibishobora kujyana gusa no gufungura konti cyangwa koroshya ihererekanywa ry'amafaranga. Bikwiye no kujyana no kwemerera abaturage, cyane cyane ba rwiyemezamirimo b'abagore, kugaragara mu rwego rw'ubukungu, bakandika amateka mu rwego rw'imari, hejuru ya byose bakagera ku bikoresho n'igishoro bakeneye ngo batere imbere.

Muri Afurika yose, abagore benshi bafite ubucuruzi bwihagazeho. Bakurikirana imikorere yabwo, bagaha serivisi nziza abakiliya, bakishyura ababagemurira ibicuruzwa, bakita ku miryango yabo ndetse uko bukeye n'uko bwije bagatanga umusanzu ku iterambere ry'ubukungu bw'ibihugu byabo. Ingorane ziracyari iz'uko umugaane munini w'ibyo bikorwa utagaragara ku nzego nyinshi z'imari. Ikoranabuhanga mu rwego rw'imari rishobora gufasha mu kuziba icyo cyuho ribika amakuru ya buri gikorwa cy'ubukungu cya buri munsi, rikacyumvikanisha ndetse rikanagishyigikira.

Rero inama nk'izi ziba zikenewe kubera ko zirema umwanya w'ibiganiro byagutse: Ni




**Madamu Coura Carine Sène, Umuyobozi w'Ikigo Wave Mobile Money witabiriye Africa CEO Forum**

gute twahanga sisitemu y'imari izirikana agaciro nyako abagore bakomeje kurema mu bukungu, aho kubasaba kwisanisha n'imikorere itarubakiwe kujyana n'imibereho yabo itandukanye n'iy'abagabo?

Imvaho Nshya: Ni izihe mbogamizi ukomeje kubona mu mikorere y'inzego z'amasoko ya Afurika?

Madamu Coura: Imwe mu mbogamizi zikomeye cyane ni uko akenshi abagore bahezwa mu bahabwa igishoro na mbere y'uko banicarana na banki cyangwa umushoramari. Kubaheza bitangira kare cyane, aho badahabwa uburenganzira bungana n'ubw'abagabo ku mitungo, ku kugera ku ruhererekane rw'abashoramari, ku nyandiko z'ubucuruzi, amakuru y'urwego rw'imari ndetse n'amoko y'ingwate ibigo bisanzwe by'imari bigerageza gusaba abo biha inguzanyo.

Ku masoko menshi, rwiyemezamirimo w'umugore ashobora kuba afite ubucuruzi bukomeye, abakiliya bahoraho aninjiza mu buryo buhoraho, ariko agakomeza kubonwa nk'ukora ibidahwitse cyangwa biteje akaga kubera ko adafite ingwate iba yitezwe. Icyo ni ikibazo cy'imikorere y'inzego, ntaho bihuriye n'ubuziranenge bwa bizinesi ye.

Nanone kandi hari ikibazo cy'uko babahona. Abagore benshi bakora mu nzego z'ingenzi ku bukungu bwa Afurika, nko kudandaza ibicuruzwa, gucuruza ibiribwa, gutanga serivisi, ubucuruzi, kuranguza ibicuruzwa ndetse n'ubucuruzi bukorerwa mu miryango.

Izi nzego rimwe na rimwe ntizihabwa agaciro kazo kubera ko ntizigaragara nk'ubucuruzi abashoramari bashobora kwihuza na bwo. Ariko akenshi hari ubwo ziba zihagazeho, zihuye cyane n'ibyo abaturage bakenera buri munsi kandi zishobora kurema agaciro gakomeye mu bucuruzi.

Ikibazo gikomeye ni uko inzego zacu z'imari zibanda cyane ku guha agaciro imitungo aho kugaha n'ibikorwa byabo. Zibasha kureba ku byo umuntu atunze, ariko ntizite ku byo umuntu arimo kubaka. Aho ni ho hakeneye impinduka.

Imvaho Nshya: Ni gute Mobile Money n'amakuru y'ihererekanywa ry'amafaranga riyikorerwaho bikomeje guhindura uburyo ubucuruzi bukorwa n'abagore bwagera ku nkunga bukeneye uyu munsi?

Madamu Coura: Mobile Money irimo gufasha kubaka izina ku bantu n'ubucuruzi bwagiye bukorera hanze ya sisitemu z'amabanki mu bihe byahise. Iki ni ikintu gikomeye cyane. Kuri ba rwiyemezamo benshi b'abagore, ibikorwa birahari ariko gihamya yo ntayo. Baragurisha, bakongera kuzuza ububiko wabo, bakishyura ababagemurira, bakakira ubwishyu, bagacunga ayo binjiza, ariko ibyinshi muri ibyo bikorwa byagiye biba bahabwa amafaranga mu ntoki maze ntibibarwe mu makuru akenerwa na banki. Iyo ihererekanya rigiye ku ikoranabuhanga, bashobora gutangira kuvuga inkuru yabo. Bashobora kwerekana uko bakora batadohoka, uko ubucuruzi bwabo bukenewe, umuvuduko wa bizinesi ndetse n'ukwihagararaho k'ubucuruzi bwabo.

Ibyo si ugusimbuza ibyemezo bya muntu amakuru y'ikoranabuhanga. Ahubwo ni ukwagura ibihamya ibigo by'imari bishobora gukoresha mu gusobanukirwa ubucuruzi runaka. Umugore ashobora kutabona ingwatwe isanzwe asabwa, ariko ashobora kugira amakuru asobanutse y'ihererekanya ryerekana imbaraga z'ibikorwa bye. Ibyo bikwiye guhabwa agaciro.

Muri Wave Mobile Money, tubona ikoranabuhanga mu rwego rw'imari rifasha abantu kugira uruhare rudashidikanywaho mu iterambere ry'ubukungu. Iyo ryoroshye kurikoresha, rihendutse kandi rikoreshwa na benshi, rikora ibirenze gufasha kugera kuri serivisi z'imari.

Ingingo ikomeye hano ni uko ibyo byose bikwiye gukorwa hubahirizwa amategeko n'amabwiriza. Amakuru y'ikoranabuhanga akwiye gukoreshwa mu mucyo, akarindwa kandi agatanga inyungu kuri rwiyemezamirimo. Intego si ugukusanya amakuru gusa, ahuwo ni uguharanira ko igikorwa cy'ubukungu cyakozwe cyarushaho kugaragara kandi kigahabwa agaciro gikwiriye.

Imvaho Nshya: Ese uruhererekane rw'ishoramari muri Afurika ruracyafite igisobanuro cy'uko iterambere rihanitse ry'ubucuruzi rigomba kuba rimeze?

Madamu Coura: Cyane rwose, kandi ntekereza ko iki ari kimwe mu biganiro by'ingenzi dukwiriye kuba dukora. Akenshi uruhererekane rw'ishoramari ruba rugifite ishusho ifunganye y'uburyo iterambere rihanitse ry'ubucuruzi rikwiriye kumera. Akenshi bihuzwa n'inzego zimwe na zimwe, n'amateka ya bamwe mu bashinze ibigo bikomeye, amoko amwe n'amwe y'ibitekerezo by'ubucuruzi, ndetse n'inzego zimwe na zimwe zubatse izina.

Ariko muri Afurika, buri gihe iterambere ntiryakurikiza uwo murongo. Ubucuruzi bwinshi buyobowe n'abagore bukura binyuze mu isano bafitanye n'abakiliya, icyizere gikomeye bafitiwe na sosiyete, ingano y'ihererekanya ry'amafaranga n'ibicuruzwa rikorwa buri munsi, ikinyabupfura mu mikorere n'ubushobozi bwo gutanga ibyo isoko rikeneye ku gihe. Ubu bucuruzi bushobora kutagaragara nk'ibigo bikomeye ariko bushobora kwihagararaho cyane kandi bukagira agaciro gakomeye mu bukungu.

Dukwiye guhagarika kwitiranya abakora ibitanyuze mu nzira zashyizweho n'abatagira icyerekezo cy'ubuzima. Nanone kandi dukeneye guhagarika kwibira ko inzego ziganjemo abagore ziba ari nto cyangwa zidafite umumaro uhagije. Ubucuruzi, uruhererekane rw'ibiribwa, serivisi z'ubwiza n'ubugeni, gukwirakwiza ibicuruzwa, ubuhinzi no gucuruza ubuconsho ntabwo ari inzego zasigaye inyuma. Ziri mu bigize umusingi w'iterambere ry'ubukungu bw'ibihugu bya Afurika.

Niba abashoramari bashaka kumenya ahari amahirwe y'iterambere rya Afurika, bakwiye kureba bitonze aho ibikorwa by'ubukungu birimo kubera. Rimwe na rimwe amahirwe y'ahazaza h'iterambere rihanitse si aho ibigo bikomeye bihanga amaso, ni ahari ibikenewe cyane, ariko kuhazirikana no kuhatera inkunga bikaba bigenda biguruntege.

Imvaho Nshya: Ni izihe mpinduka zifatika amabanki, abashoramari n'ibigo bishinzwe ubugenzuzi bikeneye gukora kugira ngo urwego rw'imari rurenge uburyo busanzwe bwo gusaba ingwate?

Madamu Coura: Impinduka ya mbere ni uburyo dusobanura ibyizewe. Mu gihe kinini cyahise, umwizerwa yahuzwaga by'umwihariko n'ingwate abasha gutanga, imitungo yanditse afite ndetse n'amateka afitanye n'amabanki. Izo ngingo zigenderwaho ni ingenzi ariko ntizihagije mu masoko aho ba rwiyemezamirimo benshi, by'umwihariko ab'abagore, bagiye bahezwa ku kugira imitungo no kwinjira mu nzego z'imari zisanzwe.

Amabanki n'abashoramari bakeneye kwagura uburyo basuzuma ahari amahirwe y'ubucuruzi. Amakuru y'ihererekanya, uko ubwishyu bwakozwe, ibikorwa by'abakiliya, inyungu yinjira bihoraho ndetse n'imyitwarire ya gicuruzi byose bishobora gutanga amakuru. Bifasha kugaragaza niba ubucuruzi bukora, bwihagazeho cyangwa bufite ubushobozi bwo gukura.

Indi mpinduka irebana no guhanga serivisi nshya. Serivisi nyinshi z'imari ziracyubakiye ku bucuruzi busanzwe bukorwa kinyamwuga, bwamaze kwandikwa kandi bufitanye umubano mwiza n'ibigo by'imari. Ariko niba dushaka gufasha ba rwiyemezamirimo b'abagore ku rwego runaka, serivisi dutegura zikwiye kureba no ku buryo bakora mu by'ukuri: niba uko binjiza bijyanye n'ibihe kandi bigahinduka, nia bafite ihererekanya ry'amafaranga rito ariko rihoraho ndetse n'iterambere rijya mbere buhoro buhoro.

Impinduka yagatatu ijyanye n'ubugenzuzi. Ibigo by'ubugenzuzi bifite uruhare rukomeye mu guhanga ikirere aho guhanga udushya bishobora gushyigikira ukudaheza, ari na ho abaguzi barindirwa. Intego ikwiye kuba ugushyigikira uburyo bworohereza abantu benshi gutanga umusanzu mu ruhererekane rw'imari batekanye kandi mu mucyo.

Hejuru y'ibyo byose, izo mpinduka zijyanye no kumenya gucagura igikorwa cy'ubukungu cya nyacyo. Iyo rwiyemezamirimo w'umugore yinjiza amafaranga, afasha abakiliya ndetse akuza ubucuruzi bwe, urwego rw'imari rukwiye kugira inzira nziza kurushaho zibona ako gaciro zikanagashyigikira.

Imvaho Nshya: Kuki ikibazo cy'abagore n'imari gikwiye gufatwa nk'ikibazo cyagutse cy'ubukungu n'imitangire y'igishoro, kitabaye ikibazo cyo kubongerera ubushobozi gusa?

Madamu Coura: Kubongerera ubushobozi ni ingirakamaro, ariko ntibihagije. Iyo tuvuga ku bagore no kugera ku mari tubirebeye gusa ku kubongerera ubushobozi, tugwa mu kaga ko kubifata nka gahunda y'ubugiraneza. Mu by'ukuri, ni gahunda y'iterambere ry'ubukungu.

Abagore ni ba rwiyemezamirimo, abakoresha, abacuruzi, abaguzi, abashoramari mu miryango yabo bakaba n'abatanga umusanzu ukomeye mu bukungu bw'ibihugu byabo. Iyo ahejwe ku mari, Afurika ntiba ihemukiye abagore gusa ahubwo yaba irimo kugena ahazaza h'ubukungu bwayo mu buryo bucuramye.

Ni yo mpamvu kugira umurongo uhamye ari ingenzi. Ikibazo si ugufasha gusa abagore gutanga umusanzu wabo. Ikibazo ni uburyo bwo gukosora inzego z'imari zakomeje kunanirwa gutahura no kuzirikana aharimo kuremwa iby'agaciro. Niba ubucuruzi bw'abagore bukora, bwihagazeho kandi butanga ibikenewe ku isoko, igishoro gikwiriye kubageraho mu buryo buboneye.

Muri Wave Mobile Money, umurimo wacu ushinze imizi mu kwizera ko imari ikwiye kuba yoroheye buri wese, ihendutse kandi igera kuri bose. Gusa kudaheza ntibikwiye kugarukira gusa ku kuyigeza kuri bose, intambwe ikurikira ni uguharanira ko uko kuyigeraho birema ukugaragara, uko kugaragara na ko kukarema icyizere, icyizere na cyo kikazagera aho gifungura imiryango y'amahirwe akomeye kurushaho mu bukungu.

Bityo rero iki si ikibazo gito, kirarebana n'iterambere, umusaruro n'ahazaza h'iterambere ry'ubukungu bw'ibihugu bya Afurika. Igishoro iyo kitageze ku bagore biba bivuze ko kitari kugera ku isoko ryose.

# Burera: Umuvunyi Mukuru yasubije umuturage mu nzu yari yarakuwemo na mukuru we



Ubutabera bufasha abafitanye ibibazo kubikemura mu buryo bunoze

**IMVAHO NSHYA**

***Duterimbere Concessa wo mu Karere ka Burera aravuga imyato gahunda yiswe Umuvunyi Iwacu igamije kwegereza abaturage serivisi z'ubutabera, nyuma y'uko Urwego rw'Umuvunyi rwakemuye ibibazo byari byarabaye agatereranzamba, harimo n'icyo mu muryango wabo.***

Ababyeyi babo bajya gupfa basize bucura bavukana mu nzu ariko musaza we mukuru ayimukuramo ayishyiraho ingufuri. Abandi bavandimwe ntibyabanyuze bageza ikibazo mu Nzego z'ibanze nticyakemuka.

Bagiye mu Rwego rw'Abunzi rufata icyemezo ariko nticyashyirwa mu bikorwa, kugeza mu cyumweru cyahereye tariki ya 25 kugeza ku ya 29 Gicurasi ubwo Urwego rw'Umuvunyi rwegeraga abaturage bo mu Karere ka Burera mu gusobanurira abaturage inshingano z'Urwego rw'Umuvunyi zabegerejwe, ububi bw'akarengane na ruswa, n'uruhare rwabo mu kubirwanya.

Yagize ati: "Tujya mu Bunzi tugatsinda ariko inzu ntifungurwe, ariko twishimiye icyemezo Umuvunyi afashe cyo kuyikingura bemeye ko gishyirwa mu bikorwa, turishimye ko agiye gusubira mu nzu yari yarakuwemo ayifiteho uburenganzira, turashimira na Perezida wa Repubulika Paul Kagame wemeye ko abayobozi begera abaturage ngo muturenganure, Imana ibahe umugisha."

Iyo gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa mu Karere ka Burera, Urwego rw'Umuvunyi rwayiteguye ku bufatanye na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, ikaa yaritabiriwe n'Intumwa z'Urwego rw'Umuvunyi rwakira rukanakemura ibibazo by'abaturage bitakemuwe n'izindi Nzego.

Atangiza icyumweru cyahariwe gukumira no kurwanya akarengane na ruswa mu Karere ka Burera, Umuvunyi Mukuru Nirere Madeleine yagarutse ku butumwa bwo kwanga akarengane na ruswa, kugeza ibibazo ku Nzego bireba no gutanga amakuru kuri ruswa n'abantu biyandikishaho imitungo itari iyabo.

Yavuze ko gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane na ruswa mu Karere ka Burera itatangijwe kuko hari byacitse ngo ahubwo ikorwa mu Turere twose tw'Igihugu hagamijwe gukumira akarengane na ruswa aho byaturuka hose.

Yagize ati: "Usanga ibibazo byinshi abaturage bazana byakabaye byarakemuwe n'Inzego z'ibanze ariko ugasanga hari n'aho batigeze bazibigezaho, dusaba abaturage kwirinda imanza, ibibazo bigakemurirwa mu miryango, bitakunda bikagezwa mu Nzego z'ibanze ariko bitajyanywe mu manza. Abayobozi na bo turabasaba gufasha abaturage bakabakemurira ibibazo babagezaho hakiri kare, kuko ibyo twakira ibyinshi usanga byakabaye byarakemukiye mu Nzego z'ibanze."

Muri iyi gahunda yahawe izina 'Umuvunyi Iwacu' hakirwa ibibazo by'abaturage bimwe bigahita bikemuka ibindi bigahabwa umurongo bizakemukirwamo.

Ishusho rusange igaragaza ko muri iyi gahunda hakiriwe bibazo by'abaturage 288 byose hamwe. Muri ibyo bibazo 94 byarakemutse ndetse ibindi 194 bihabwa umurongo bizakemukiramo mu gihe kitarenze ukwezi kumwe.

# Dutemberane mu Igororero rya Nyanza, ahagororerwa n'abanyamahanga



Abagororwa bagira umwanya wo kwidagadura

**TUYISENGE Olivier**

***Igororero Mpuzamahanga rya Nyanza riherereye mu ibanga ry'umusozi wa Mpanga mu Karere ka Nyanza mu Ntara y'Amajyepfo rikaba ritagororerwamo Abanyarwanda gusa ahubwo ririmo n'abagororwa baba bazanywe kugororerwa mu Rwanda baturutse no mu bindi bihugu bitandukanye.***

Ni igororero kandi rigororerwamo ab'amazina akomeye bagize uruhare mu byaha bitandukanye birimo ibya Jenoside n'ibindi byaha bisanzwe. Aha ni na ho hagororerwa Léon Mugesera wakatiwe gufungwa burundu n'Urukiko Rukuru mu mwaka wa 2016, nyuma yo guhamwa n'ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, n'ibindi byibasiye inyoko muntu.

Nk'uko Umunyarwanda yavuze ko utigereye ibwami abeshywa byinshi, imibereho y'Igororero rya Nyanza kimwe n'andi magororero yo mu Rwanda itandukanye n'uko abaturage basanzwe bayitekereza. Iyo urebye ku gice cy'imibereho n'imyidagaduro y'umugororwa mu buzima bwe bwa buri munsi, Igororero rya Nyanza ribarizwamo imyidagaduro itandukanye ibitewe n'aho buri wese yisanga.

Bakina imikino itandukanye irimo umupira w'amaguru (football), basketball, volleyball, igisoro, amakarita n'agati, nk'umwe mu mikino inakundwa cyane mu magororero. Kimwe no mu yandi magororero abagororwa bagira umwanya uhagije wo kwidagadura buri wese ajya mu myidagaduro yisangamo, reka duhere ku bidagadurira mu mupira w'amaguru (Football).

Muri iri gororero rya Nyanza bagira amakipe ya Football agera ku munani, buri mwaka bakagira amarushanwa aherekezwa n'igikombe kugira ngo harebwe ikipe ihiga izindi mu buhangange. Ayo makipe arimo iyitwa Bolton, Inararibonye y'abasaza, Imbanzirizarugamba, Urumuri, Onze Volontaire, Mapinduzi iterwa inkunga n'abanya Sierra Leone dore ko inakinamo abagororwa baturutse muri icyo gihugu, na RCS FC ikipe y'abakozi b'igororero.

Dunia Sultan Pabro afatanije na Hategekimana Bernard wahoze ari umunyamakuru w'ikinyamakuru Kamarampaka, ni bo bayobozi b'impuzamashyirahamwe iyobora imikino n'imyidagaduro muri iri gororero.

Dunia Sultan avuga ko bahabwa umwanya uhagije wo kwidagadura, ati: "Umugororwa hano muri iri gororero aba afite amahitamo y'imyidagaduro yumva yifuza, ushaka kubyina arabikora, ushaka gukina Football, Basketball, Volleyball buri wese bitewe n'ikimunyuze, by'umwihariko rero dutegura amarushanwa igororero na ryo rikadushakira ibikombe duhatanira ibyo bikadutera umurava ndetse bigatuma dukunda kwidagadura dore ko ari imwe mu ntwaro zidufasha kubaho neza muri ubu buzima turimo."

Bucyanayandi Félix, umunyamakuru w'igororero ndetse akaba anakina umukino w'igisoro, na we yagize ati: "Iyi myidagaduro idufasha kuruhuka mu mutwe, kwisanzura no kutihuguraho ngo usange umuntu yaheranwe n'ubwigunge cyangwa se agahinda gakabije bitewe no kutiyakira."

Umuyobozi w'Igororero rya Nyanza SSP (Senior Superintendent) Alain Gilbert Mbarushimana, avuga ko Siporo n'indi myidagaduro ari imwe muri gahunda zo kugorora. "Bifasha abagororwa gusabana, kwikura mu bwigunge ndetse no kugira ubuzima buzira umuze.

By'umwihariko nkanjye ndi umukinnyi wa Football nakinnye no mu Ikipe y'Igihugu biranyorohera kwifatanya na bo, ibi biradufasha cyane mu kubagorora no kubategura gusubira mu buzima busanzwe iyo basoje ibihano byabo."

Si imikino y'amaguru gusa igira amarushanwa no mu mikino y'amaboko, Karate na Taikondo, igisoro amakarita, agati, imbyino gakondo n'izigezweho, ubuhanzi n'ubugeni butandukanye byose bigira amarushanwa ndetse abatsinze bagahabwa ibikombe. Aha bafite Orchestre ibica bigacika yahanze indirimo ikunzwe na beshi izwi nka "Mpanga."

# Tariki 2 Kamena 1994 ntizibagirana ku Batutsi bari bahungiye i Kabgayi




Minisitiri w'Umutekano mu Gihugu yifatanyije kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ku Rwibutso rwa Kabgayi

**HABIMANA ERIC**

***Ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kabgayi ruri mu Karere ka Muhanga habereye igikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hakaba haranashyinguwe mu cyubahiro imibiri 8 irimo 4 yimuwe aho yari ishyinguye hatari hameze neza, n'ine yabonetse. Ni igikorwa cyitabiriwe n'abayobozi batandukanye, umushyitsi mukuru akaba yari Minisitiri w'umutekano Dr. Vincent Biruta.***



Hashyinguwe mu cyubahiro imibiri 8 y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Tariki ya 2 Kamena1994 ni bwo ingabo zari iza RPA Inkotanyi zageze i Kabgayi ziharokora Abatutsi basaga 10 000 akaba ari wo mubare munini wabashije kurokorwa ahantu hamwe kandi umunsi umwe mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi. Hari mu gitondo hagati ya saa tatu na saa yine ubwo Ingabo zahoze ari iza RPA Inkotanyi zasesekaraga i Kabgayi nyuma yo gufata Nyanza na Ruhango baturutse mu mayaga n'I Bugesera

Abatutsi bari bahungiye i Kabgayi bari baturutse hirya no hino mu gihugu bizeye ko bahabona amakiriro nkuko amateka y'ubwicanyi muri 1959 kugeza 1972 yavugaga ko uwabashije guhungira kuri Misiyoni/Paruwasi abasha gukira, ni yo mpamvu abantu bose bashakaga uko bahungira i Kabgayi.

Muri iki gikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, cyabereye ku Rwibutso rwa Kabgayi, Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga, Kayitare Jacqueline, yagarutse ku bugome bwakorewe impunzi z'Abatutsi zari zahungiye i Kabgayi aho bwaranzwe n'ubugome bukomeye bwakozwe n'interahamwe zifashishije n'imodoka za Leta zari zishinzwe gutwara abantu z'ikigo cyari kizwi nka ONATRACOM mu gutwara Abatutsi bajyanwaga kwicirwa ku kiraro cya Nyabarongo muri Ngororero n'ahandi muri Kibirira.

Yavuze ko Abatutsi benshi bari bahungiye i Kabgayi bizeye kuhagirira umutekano kubera ko hari ibikorwa by'abihayimana, ariko umugambi wa Jenoside wakomeje gukazwa n'ubutegetsi bwariho icyo gihe, yagaragaje ko ubwo Leta yiyitaga iy'Abatabazi yimukiraga mu cyahoze ari Gitarama, hashyizweho izindi ngamba zigamije kwihutisha Jenoside kugira ngo Inkotanyi nizihagera zizasange nta Batutsi bakiriho.

Usibye abajyanwaga kwicirwa kuri Nyabarongo aba Burugumesitiri b'amakomini afite abantu bari barahungiye i Kabgayi ndetse n'interahamwe z'i Kigali zazaga i Kabgayi gutoranya abantu bakomoka mu gace kabo, cyane cyane abari baturutse mu byahoze ari amakomini agize Gitarama nka Taba, Runda, Kayenzi, Mugina, Musambira, Tambwe Nyamabuye, Ntongwe n'ahandi.

Kayitare yavuze ko muri uwo mugambi, hakoreshejwe imodoka za ONATRACOM mu gutwara Abatutsi benshi icyarimwe bajyanwaga kwicwa cyangwa kujugunywa mu mugezi wa Nyabarongo, ibintu byatumye umubare w'abicwaga wiyongera mu gihe gito.

Nduwayezu Venuste uhagarariye imiryango yashyinguye uyu munsi ndetse akaba yanashyinguye ababyeyi be muri uru Rwibutso rwa Kabgayi avuga ko bashimira Inkotanyi zabasubije ubuzima, kuko na we ari umwe mu barokokeye i Kabgayi, ariko babayeho ubuzima bubi bwo gutotezwa no kwicwa urubozo, ariko kuba barabashije kurokoka ngo ni ikimenyetso cyuko ntabapfira gushira, no kuba ubuyobozi bwiza bwarabashije kubaha uru Rwibutso hano I Kabgayi ni ikimenyetso cyo guha agaciro abahaguye.

Yagize ati: "Turashimira inkotanyi zabashije kuturokorera hano i Kabgayi, tumeze nk'igiti cyavuye mu muriro kuko zaturokoye tugeze ku munota wa nyuma ngo twicwe, ariko iyi taliki iyo igeze nongera gusubiza amaso inyuma nkibuka uko twari tumeze tuzi ko nta makiriro dufite ariko tukarokorwa ku isegonda rya nyuma, inkotanyi ziragahoraho".

Mu ijambo rye Minisitiri w'Umutekano Dr. Vincent Biruta yagarutse ku mateka y'umwihariko wa Kabgayi mu kwimakaza ingengabitekerezo ya Jenoside aho yagize ati: "Jenoside yakorewe Abatutsi ifite imizi mu mateka ya kera uhereye mu gihe cy'ubukoloni mu gihe cya Repubulika ya Mbere n'iya Kabiri nkuko twabyumvise mu buhamya. Kabgayi ifite umwihariko kuko ariyo soko y'ingengabitekerezo ya Jenoside yabibwe na Musenyeri Perraudin ndetse na Perezida Kayibanda".

Mu 1994 Ku musozi wa Kabgayi hari hahungiye Abatutsi barenga ibihumbi 50 mu mashuri no mu zindi nyubako. Muri bo, hagati y'ibihumbi 12 na 15 ni bo Inkotanyi zabashije kurokora, mu gihe abarenga ibihumbi 35 bishwe, bamwe bakarohwa muri Nyabarongo, abandi bakicirwa ku misozi no mu bice bitandukanye birimo Kibirira.

Kubera imirwano yari ikomeye yahanganishije ingabo za FPR Inkotanyi n'Ingabo za Leta y'abicanyi, abarokowe i Kabgayi bahise boherezwa mu bice FPR Inkotanyi yari yafashe aho berekeje mu bice bya Ruhango kugeza bageze mu Bugesera ahari umutekano wizewe.

# Karongi: Ahereye ku nka imwe ageze kuri 17, yinjiza asaga miliyoni 1



Nyiramisago avuga ko ubworozi bwa kinyamwuga butanga ubuzima n'imibereho byiza mu muryango

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Mu gihe bamwe bafata ubworozi nk'igikorwa cyo kubona amata n'ifumbire gusa, Nyiramisago Josianne wo mu Mudugudu wa Kamusanganya, Akagari ka Kibirizi, Umurenge wa Rubengera mu Karere ka Karongi, we yabugize umwuga umuteza imbere ku buryo ubu yoroye inka 17, muri zo 10 zirakamwa, zikamwinjiriza amafaranga arenga miliyoni 1,2 Frw buri kwezi.***

Nyiramisago avuga ko yatangiye korora mu mwaka wa 2008 afite intego yo kubona ifumbire yo gufumbiza imyaka n'amata yo kunywa. Icyakora, uko imyaka yagiye ihita, yaje gusanga ubworozi bushobora kuba umushinga ukomeye wamuteza imbere, bituma abwinjiramo by'umwuga.

Yagize ati: "Natangiye mfite inka imwe gusa. Icyo gihe nayororaga kugira ngo mbone amata yo kunywa mu rugo n'ifumbire yo gushyira mu mirima. Ariko uko nagiye mbona umusaruro wayo, nasanze ubworozi bushobora kuba isoko y'iterambere. Inka ya mbere yakamwaga litiro zigera kuri 20 ku munsi, nyuma ibyara inshuro eshatu, zitangira kwiyongera. Byatumye mfata icyemezo cyo gufata inguzanyo muri banki kugira ngo ngure izindi nka no kwagura ibikorwa byanjye."

Uwo mubyeyi avuga ko mbere yo gufata inguzanyo yabanje gukora igenamigambi ryitondewe, asanga amafaranga ava mu mata yari ahagije kugira ngo ahembemo abakozi ndetse akomeze kwagura ibikorwa bye. Kuri ubu, Nyiramisago akama litiro zisaga 100 z'amata ku munsi. Ayo mata ayajyana ku ikusanyirizo ry'amata, aho litiro imwe igurwa amafaranga 400 Frw. Iyo hari abaturage baza kuyagura ku rugo mu rugero ruto, litiro imwe ayibagurisha amafaranga 450 Frw.

Avuga ko amafaranga ava mu mata n'ifumbire yamufashije kugera ku bikorwa byinshi by'iterambere birimo kubaka inzu nziza atuyemo, kwishyurira abana amashuri no kwiteza imbere muri rusange. Yagize ati: "Ubworozi bwahinduye ubuzima bwanjye. Nabashije kubaka inzu nziza ntuyemo, abana banjye biga neza kandi sindwana no kubona amafaranga y'ishuri. Iyo umuntu akoranye ubushake n'umwete, ubworozi bumubera isoko y'amajyambere, kandi nta kiza nko kwikorera ku giti cyawe."

Uretse amafaranga ava mu mata, Nyiramisago aninjiza amafaranga aturutse ku ifumbire y'amatungo. Avuga ko ikamyo imwe y'ifumbire ayigurisha amafaranga ibihumbi 40 Frw, kandi ko mu kwezi ashobora kubona ifumbire yuzura amakamyo agera ku 10.

Ubworozi bwa Nyiramisago ntibumufasha wenyine, ahubwo bunatunze imiryango myinshi. Afite abakozi babiri bahoraho bita ku nka ze buri munsi, ndetse n'abandi bakozi bagera kuri barindwi bakora nyakabyizi mu bikorwa by'ubworozi n'ubuhinzi. Singirankabo Jean Claude, umwe mu bakozi bahoraho, avuga ko gukorera Nyiramisago byamufashije kuva mu bukene no gutekereza ku mishinga y'ejo hazaza.

Yagize ati: "Mbere nakoraga imirimo ntera ibiraka, nta kintu nigezagaho kuko iyo nakoreraga 1 000 nakijyana mu kabari. Ubu mfite akazi gahoraho kambeshaho kandi nigira byinshi hano ku bijyanye no korora. Nyiramisago yatubereye urugero rwiza. Nanjye mfite intego yo kuzaba umworozi kuko namaze kumwigiraho."

Mukamana Vestine avuga ko amafaranga akura mu kazi amufasha gutunga umuryango no kwizigamira. Yagize ati: "Iyo urebye aho Nyiramisago yavuye n'aho ageze, bidutera imbaraga. Twabonye ko ubworozi bushobora guhindura ubuzima bw'umuntu. Natwe turi kugenda twiga kugira ngo ejo tuzashobore gutangira ibikorwa byacu, nk'ubu navuze ko nzaba mfite inka yanjye mu mwaka wa 2027 kuko ngenda nizigamira."

Nubwo yishimira intambwe amaze gutera, Nyiramisago avuga ko kimwe mu byamufashije gukomeza gukora ubworozi afite icyizere ari ugushyira amatungo mu bwishingizi. Avuga ko mu minsi yashize yapfushije inka yari ifite agaciro k'ibihumbi 800 Frw, ariko ko kubera ko yari yarayishyize mu bwishingizi, yahawe indishyi zamufashije kongera kwiyubaka.

Yagize ati: "Hari inka yanjye yapfuye ifite agaciro k'ibihumbi 800 mu minsi yashize. Kubera ko yari mu bwishingizi, nahawe ingurane. Ayo mafaranga nayakoresheje ngura izindi nka ebyiri, bituma ntahomba nk'uko byari kugenda iyo ntaba mfite ubwishingizi."

Asaba aborozi bagenzi be kudakerensa gahunda yo gushyira amatungo mu bwishingizi, kuko ibafasha guhangana n'ibihombo bishobora guterwa n'indwara cyangwa impanuka. Yanashishikarije urubyiruko n'abandi baturage kwitabira ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi nk'inzira yo kwihangira umurimo no kwiteza imbere.

Yagize ati: "Urubyiruko rukwiye kumva ko ubuhinzi n'ubworozi atari ibikorwa by'abasaza gusa. Ni umwuga ushobora gutunga umuntu no kumugeza ku iterambere rirambye. Iyo umuntu atangiye gake, akagira intego n'umuhate, ashobora kugera kuri byinshi nk'uko nanjye byangendekeye."

Nyiramisago Josianne agaragaza ko ubworozi bukozwe kinyamwuga bushobora kuba umusingi ukomeye w'iterambere ry'umuryango, gutanga akazi no guteza imbere ubukungu bw'icyaro.

# Nyamasheke: Hanenzwe abavugaga ko basenga, bakica bagenzi babo basenganaga



**Abashumba bunamiye abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bashyinguye mu Rwibutso rwa Mukoma**

BAHUWIYONGERA SYLVESTRE

***Mu kwibuka abari abayoboke b'itorero ADEPR mu Karere ka Nyamasheke bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ku rwibutso rwa Jenoside rwa Mukoma, mu Murenge wa Nyabitekeri, hanenzwe abakirisitu bishe bagenzi babo basenganaga.***

Nk'uko Pasiteri Rudahunga François, warokokeye mu yahoze ari Segiteri Mukoma, akanaba ahagarariye IBUKA muri uwo Murenge, yabivuze mu buhamya yahatangiye, yagaye abavugaga ko basenga, bagafata iya mbere mu kwica bagenzi babo basenganaga cyangwa ntibagire ubutwari bwo kubahisha, ashima icyakora abapasiteri n'abandi bakirisito bagize ubwo butwari, batirengagije ko na bo bagombaga kuhasiga ubuzima.

Avuga ku bwicanyi ndengakamere bwabereye muri aka gace, yavuze ko iyo segiteri yonyine yaguyemo abari abayoboke b'iri torero bagera ku 120, barimo 95 b'iyari paruwasi Mukoma, utabariyemo abana bari batarabatizwa.

Ati: "Tuvuze nko mu Kagari ka Muyange k'ubu, hari nk'umwana batwitse, ashya yumva, bacanye inzu imaze gufatwa bamujugunyamo akongokana na yo, umubyeyi bataye mu bwiherero ari muzima, bamutera amabuye kugeza bamwishe, umukobwa bishe urw'agashinyaguro birenze uko umuntu yabivuga, umubyeyi baciye amaguru barayamurindisha ngo nabura baramwica kandi n'ubundi bari bamwishe, amaraso amushiramo aranogoka."

Avuga n'abandi barimo uwari umucuruzi witwaga Bahati Enock, abo bicanyi bakuyemo umutima bakawotsa bakawurya ngo barashaka gusigarana ubwenge bwe, abantu benshi bo mu miryango 6 abicanyi basanze mu nzu basenga bakabica bose ikazima, umubyeyi bishe babanje kumwambura ubusa imbere y'imbaga y'abantu, uwicanywe n'umwana yendaga kubyara n'abandi benshi bishwe rubi mu yari komini Gafunzo.

Ati: "Ndanibuka bashiki banjye 2 bari kumwe na karumuna kanjye gato, abicanyi babasanze aho bari bihishe bababwira ko bica uwo muhungu, abakobwa bakabatwara, bakabagira abagore babo. Abakobwa baranze bavuga ko niba musaza wabo bamwica babicire hamwe, ariko babahe umwanya babanze basenge."

Pasiteri Rudahunga François, yasabye abayoboke b'amadini n'amatorero b'uyu munsi, kurangwa n'urukundo, ubumwe n'ubudaheranwa, bagasenga bakora ibyiza, bagatandukana n'abo bitwaga ko basenga ariko bishe rubi abo basenganaga cyangwa ntibagire icyo babamarira mu kaga bari barimo.

Uwavuze mu izina ry'umuryango IBUKA, Nsabimana Donatien, yavuze ko abishwe, nta kabuza bagiye mu ijuru kuko bishwe basenga, babonye umwanya wo kwitunganya, asaba abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi, kwihana bakagaragaza ukuri kw'ibyo bakoze, bakerekana aho bashyize imibiri y'abo bishe itaraboneka, bakagira uruhare muri gahunda y'ubumwe n'ubudaheranwa ntibakomeze guheranwa n'ubugwari bwabaranze.



**Bashyikirije Muhashyi Gratien inka y'agaciro ka miliyoni imwe**

Ati: "Abishwe, bishwe basenga, bagiye mu ijuru. Abiyitaga abakirisito bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi,bakwiye kwihana by'ukuri bakareka ibyo gukomeza gusengera ku kinyoma."

Mu izina ry'itorero ADEPR mu Ntara y'Uburengerazuba, Umushumba wa Paruwasi ya Rusizi, Mushimiyimana Jean Claude yasabye abakirisito b'uyu munsi kubana neza, bakagira urukundo, bagasenga nta buryarya, bita kuri bagenzi babo barokotse.

Ati: "Abacu barokotse bakeneye amaboko kuko bafite ibikomere bifite inkovu. Tuzirikane uwabuze uwe inkovu afite y'uwo bagombye kuba bari kumwe, tubabe hafi, tubafate mu mugongo."

Yabasabye kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside no gutanga amakuru byihuse ku wayigaragaraho, bagashyigikira gahunda y'ubumwe n'ubudaheranwa.

Yaboneyeho gushimira Umukuru w'Igihugu Paul Kagame n'ingabo yari ayoboye, bahagaritse Jenoside yakorerwaga Abatutsi, igihugu bakagisubiza ubuzima, abantu bakongera gusenga Imana, bakanagira umwanya nk'uyu wo kwibuka.

Yavuze ko itorero ADEPR rizakomeza gufata mu mugongo abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi,haba mu kububakira inzu nziza zibahesheje agaciro, kuboroza inka n'ibindi bikorwa by'urukundo, asaba buri mukirisito wese kubigiramo uruhare rusesuye.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Muhayeyezu Joseph Désiré yagarutse ku kugaya uwitwaga umukirisito wese wijanditse muri Jenoside yakorewe Abatutsi, utaragize uwo arokora n'uwareberaga bagenzi be basenganaga bicwa.

Ati: "Hari abakirisito bishe abashumba babo, hari abashumba bishe abakirisito babo, hari abishe abo basenganaga banakorana umurimo w'Imana. Ni abo kugawa. Uko tubanye ubu biratanga icyizere. Kwibuka abishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi,ni ukusubiza agaciro bambuwe, gukomeza abarokotse no gushimangira ko Jenoside itazasubira ukundi."

Yasabye abarangiza ibihano kugira uruhare mu kugaragaza aho bashyize imibiri y'abo bishe itaraboneka, igashyingurwa mu cyubahiro. Yanavuze ko kwibuka ari n'umwanya wo gukomeza kuzirikana ubutwari bw'ingabo zari iza APR- Inkotanyi zari ziranigajwe imbere na perezida Kagame, ubwitange zagize zigahagarika Jenoside, Igihugu kikongera gutekana.

Yasabye abakirisito ba ADEPR Nyamasheke imibanire myiza no gukomeza kumva ubukirisito icyo ari cyo,buri wese akareba umusanzu atanga mu guteza imbere ihame ry'ubumwe,bakubaka igihugu baharanira ko Jenoside itazongera ukundi.

Yaboneyeho gusaba ababyeyi kurera abana neza, babatoza urukundo n'ubugwaneza, bakabarinda kwishora mu bishobora gusubiza Igihugu inyuma. Yijeje ko Akarere ka Nyamasheke kazakomeza gushimangira ihame ry'ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda,asaba buri muturage wese w'aka karere kubyumva nk'inshingano.

Abamaze kumenyekana bari abakirisito b'itorero ADEPR, Paruwasi ya Nyamasheke bazize Jenoside yakorewe Abatutsi,nk'uko byavuzwe n'umushumba wayo, Rév.past. Murera Emmanuel, ni 1006, barimo abashumba 2, abapasiteri 10, abavugabutumwa 7, abadiyakoni 46, abaririmbyi 103 n'abakirisito 838.

Mu gikorwa cyo kwibuka cyabaye ku wa 5 Kamena 2026, iri torero ryashyikirije Kanamugire Fidèle warokotse inzu ryamwubakiye, irimo intebe, ibitanda n'ibindi byangombwa,anahabwa ibiribwa,byose hamwe by'agaciro ka miliyoni 15, banoroza Muhashyi Gratien inka y'agaciro ka miliyoni imwe.

# Kayonza: Abahinzi n’aborozi 77 bemerewe miliyoni 730 Frw



**Akanyamuneza ku bahinzi n’aborozi basinyiye inkunga nyunganizi ya miliyoni zisaga 730 z’amafaranga y’u Rwanda**

**HITIMANA Servand**

***Abakora ibikorwa by’ubuhinzi n’ubworozi kinyamwuga mu Karere ka Kayonza bagera kuri 77 bemerewe inkunga nyunganizi ya miliyoni zisaga 730 z’amafaranga y’u Rwanda mu kubafasha kurushaho kwagura ibikorwa byabo.***

Aba bahinzi bafite imishinga ifite agaciro ka miliyari imwe na miliyoni 600 z’amafaranga y’u Rwanda, bavuga ko iyo nkunga nyunganizi bahawe yunganira igice cy’amafaranga akenewe mu gushyira mu bikorwa iyo mishinga ikarushaho gutanga umusaruro mu kwihaza mu biribwa.

Abahinzi n’aborozi batoranyijwe muri iki cyiciro basinye amasezerano yo guhabwa iyo nkunga nyunganizi, ni abari basanzwe bakora ubuhinzi ndetse n’ubworozi bakaba barasabye kunganirwa ku mishanga yabo y’ubuhinzi n’ubworozi.

Mu bikorwa byibanzweho harimo kubaka ubwanikiro, ubuhunikiro, ubwumishirizo bw’imyaka, imashini zihura imyaka n’izitunganya ubwatsi bw’amatungo ndetse no gufata amazi yo kuhira



**Abakoze imishinga y’ubuhinzi n’ubworozi i Kayonza bishimira ko igiye gushyirwa mu bikorwa nyuma yo kunganirwa**

amatungo muri aka gace kibasirwa cyane n’amapfa.

Abemerewe iyi nkunga bavuga ko bigiye kubafasha cyane mu kunoza iyi mishinga bibaganishamu buhinzi n’ubworozi bugamije ubucuruzi.

Rusagara Francis ukorera ubworozi mu Murenge wa Murundi, yagize ati: “Ndishimye cyane kuba narasabye kunganirwa kuri “dam sheet” kandi nkaba nyibonye. Najyaga ngorwa no kubona amazi yo kuhira amatungo yanjye, bikambera imbogamizi mu gukora ubworozi bunyungura ariko ubu ngiye kubikora kinyamwuga. Mfite icyizere ko ngiye kongera umukamo kuko amatungo yanjye azabona amazi hafi akanywa atakoze urugendo rurerure bityo agakamwa neza.”

Abahinzi bari bafite ikibazo cy’iyangirika ry’umusaruro na bo bishimira ko bagiye gufashwa n’iyi nkunga kugabanya igihombo bagiraga.

Bucyempore Claver ubarizwa muri Koperative Rerimberemuhinzi yo mu Murenge wa Ndego, ati: “Ni igisubizo gikomeye kuri twe. Twakoze umushinga wo kubaka ubuhunikiro bw’imyaka kuko kutagira aho duhunika byaduhombyaga umusaruro ukangirika. Kuba rero tugiye gufashwa kubaka aho guhunika hatubereye bizatuma imyaka yacu ibikwa neza ntiyangirike kandi igumane ubuziranenge ku buryo nituyigeza ku isoko izagurwa ku giciro cyiza.”

Munyampuhwe Straton na we avuga ko iyi nkunga izabafasha gutuma ibikorwa by’ubuhinzi n’ubworozi bakora bitera imbere mu karere.

Iyi nkunga nyunganizi itangwa binyuze mu mishinga ya Minisiteri y’Ubuhinzi n’Ubworozi ari yo KIWIP2 yibanda ku guteza imbere ubuhinzi mu Karere ka Kayonza, na RDDP yibanda ku kongera umukamo mu bworozi, igashyirwa mu bikorwa n’Umuryango utegamiye kuri Leta Kilimo Trust ukorera mu Rwanda no muri Afurika y’Iburasirazuba, ukaba zobereye muri gahunda z’ubuhinzi n’ubworozi.

Umuyobozi w’Akarere ka Kayonza, Hategekimana Fred yabwiye Imvaho Nshya ko iyi nkunga nyunganizi yahawe abahinzi n’aborozi ari igisubizo ku kuzamura uru rwego rufite uruhare runini mu bukungu bw’Igihugu.

Ati: “Urwego rw’ubuhinzi n’ubworozi rubarurwamo abasaga 70% y’abanyagihugu, bivuze ko rufite uruhare runini mu bukungu bw’Igihugu ndetse n’imibereho y’abaturage. Kubona inkunga nk’iyi ishyigikira uru rwego ni igisubizo ku kuzamura iterambere ry’ubuhinzi n’ubworozi mu Karere ka kacu ariko ni ni igisubizo ku iterambere ry’ubukngu n’imibereho y’abaturage.”

Akomeza asaba buri wese mu bahawe inkunga nyunganizi n’abafatanyabikorwa batandukanye kugira ubufatanye mu gukurikirana iyi gahunda kugira ngo izatange umusaruro yifuzwaho.

Ati: “Ubu rero icyo dusaba buri ruhande ni ukujyanamo kugira ngo aya mafaranga azabyazwe umusaruro. Ni uruhare rw’uwahawe inkunga kuyikoresha neza, ni uruhare rw’umufatanyabikorwa gukurikirana no guhugura abahinzi ku kuyicunga neza, ndetse natwe nk’ubuyobozi tugomba kuba hafi y’abaturage bacu tukareba ko nta mbogamizi bahura na zo tugafatanya gushaka ibisubizo vuba.”

Gashayija Endrew, Umuyobozi w’Umuryango Kilimo Trust mu Rwanda, avuga ko u Rwanda ruza imbere mu bihugu by’Afurika y’Iburasirazuba mu gukoresha neza amafaranga ashorwa mu buhinzi n’ubworozi, bityo agasaba ko uyu muco mwiza wakomeza kugira ngo inyungu zikomeze kugera ku baturage bose.

# Ruhango: Imibiri 3 y'abishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi yashyinguwe mu cyubahiro

HABIMANA Eric

***Mu gikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ku rwibutso rwa Jenoside rwa Mbuye ruherereye ku musozi wa Mayunzwe mu Murenge wa Mbuye hashyinguwe mu cyubahiro imibiri itatu y'Abatutsi bishwe muri Jenoside. Muri iyo mibiri, ibiri yimuwe aho yari ishyinguye mu buryo budakwiye, mu gihe undi mubiri wari umaze kuboneka na wo washyinguwe mu cyubahiro.***



**Imibiri 3 y'abishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yashyinguwe mu cyubahiro**

Ambasaderi Gasamagera Wellars, uhagarariye imiryango yimuye imibiri y'ababo kugira ngo ishyingurwe mu cyubahiro, yavuze ko iki gikorwa ari uburyo bwo kuzirikana abishwe no kubasubiza agaciro bambuwe. Yagaragaje kandi ko gushyingura uwawe mu cyubahiro bifasha abarokotse Jenoside kubona amahoro yo mu mutima kuko baba bizeye ko ababo baruhukiye ahantu heza.

Yagize ati: "Kwibuka kwacu kugira akamaro, kwibuka kwacu kudufasha gukumira ko Jenoside itazongera kubaho ukundi. By'umwihariko ku wabashije gushyingura abe mu cyubahiro, biruhura umutima, nubwo gufata uwo mwanzuro bitoroha ariko ni ukubasubiza agaciro bambuwe no gukomeza kubazirikana."

Umuyobozi wungirije wa IBUKA ku rwego rw'Igihugu yavuze ko nyuma y'imyaka 32 Jenoside ihagaritswe, Muhongayire Christine yavuze ko hakenewe ko abafite amakuru y'ahakiri imibiri itarashyingurwa mu cyubahiro bayatanga igashyingurwa uko bikwiye.

Yagize ati: "Hari ubwo wibaza icyatumye umuntu yica uwo yibyariye, umwana akica umubyeyi cyangwa umuntu akica abana b'umuturanyi, Jenoside yatubereye ishyano rikomeye, ariko iki ni cyo gihe cyo gutobora no kuvuga, hari abacu bishwe tutaramenya aho baherereye. Nk'uko Inkotanyi zaduhaye ubuzima, nimudufashe tububemo dutekanye mutubwira aho imibiri y'abacu iri, kuko ntawatekana atazi aho uwe aherereye."

Minisitiri w'Ibidukikije Dr. Arakwiye Bernadette, yashimye abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Karere ka Ruhango, by'umwihariko abo ku musozi wa Mayunzwe kubera ubutwari bakomeje kugaragaza bwo kwiyubaka no gushaka ibisubizo bibafasha gukira ibikomere Jenoside yabasigiye.

Yibukije ko Kwibuka Jenoside ku nshuro ya 32 ari umwanya wo kongera kuzirikana Abatutsi biciwe muri aka gace, cyane cyane abagabweho ibitero by'interahamwe zari ziyobowe n'abarimo Burugumesitiri wa Tambwe, Mugaga Nathan n'abandi, ibikorwa byagize uruhare mu gukora Jenoside ndengakamere muri aka karere.

Ati: "Ubu Abanyarwanda bose basubiye ku ndangagaciro na kirazira nk'uko twahisemo kuba umwe dukomeze gukora cyane twamagana amacakubiri ayo ari yo yose. Dukomeze gusenyera umugozi umwe twubaka igihugu cyacu tunasigasira amateka no kuzirikana ubuzima bushaririye abo twibuka uyu munsi banyuzemo."

Mbere y'iki gikorwa, urwibutso rwa Jenoside rwa Mbuye rwari ruruhukiyemo imibiri 5 022 bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Nyuma yo gushyingura iyi mibiri itatu mu cyubahiro, ubu rukaba ruruhukiyemo imibiri 5,025, harimo n'umwe wakuwe hafi y'umusozi wa Karuvariyo.

HITIMANA SERVAND

# Nyagatare: Abatuye Nyabitare barifuza kugezwaho amashanyarazi

***Abaturage bo mu Mudugudu wa Nyabitare Akagari ka Gikundamvura mu Murenge wa Karama mu Karere ka Nyagatare bavuga ko baheze mu bwigunge kubera kutagerwaho n'amashanyarazi mu gihe abaturanyi babo bacaniwe, bakifuza ko na bo bahabwa umuriro ukabafasha mu bikorwa by'iterambere.***

Abo baturage bagaragaza ko kutagerwaho n'amashanyarazi bibagiraho ingaruka zirimo kujya gushakira serivisi zikenera umuriro mu baturanyi babo, hakaba hari n'imirimo bahanga ishingiye ku ikoreshwa ry'amashanyarazi.

Senzoga agira ati: "Mu bibazo bikitubangamiye ni ukutagerwaho n'amashanyarazi. Turifuza ko ubuyobozi bwadufasha natwe tugacanirwa kuko uyu mudugudu ni wo wasigaye udacaniwe mu gihe bari batangiye gushinga amapoto bigahagarara. Ubu usanga abandi babonye umuriro bahanga imirimo aho urubyiruko rushinga inzu zo kwiyogosheshererezamo, abandi bagashyiraho ibyuma bisya n'ibindi."

Uyu muturage avuga ko uretse kuba babyaza umusaruro amashanyarazi mu gihe baba bayabonye, ngo kutayagira bituma ziriya servisi bajya kuzishakira ahandi. Ati: "Uretse rero guhombera mu kudahanga iriya mirimo tunahombera mu kuba noneho izo serivisi tuzikenera bigasaba ko tujya kuzishyurira ahandi. Turavunika dukora ingendo, tukanungura abandi mu gihe iwacu naho hakwiye gutera imbere."

Mukeshimana Angelique na we yagize ati: "Turifuza ko tubona amashanyarazi nk'abandi. Abayahawe bari kudusiga mu iterambere, ahantu hageze amashanyarazi usanga hasusurutse, imirimo ikiyongera bigatuma iterambere rigaragara. Na twe turifuza gucanirwa bikadufasha gutera imbere ariko bikanaduhindurira imibereho ikarushaho kuba myiza."

Umuyobozi w'Ishami rya Nyagatare rya Sosiyete y'u Rwanda ishinzwe ingufu (REG), Niyonkuru Benoît avuga ko ibikorwa byo guha abaturage amashanyarazi bikomeje.

Ati: "Hari aho amashanyarazi ataragezwa ariko icyifuzo ni uko bose bacanirwa. Hariya rero ni agace gato kahasigaye ndetse mu Murenge batuyemo wa Karama ni hamwe mu ho turi gukorera twagura ibikorwa byo gutanga amashyanyarazi aho na bo bazagerwaho mu minsi ya vuba. Muri iyi minsi ibi bikorwa biri kwibanda ku Mirenge ya Gatunda na Karama, aho muri uyu mwaka tumaze gucanira abagera ku 9 580, ariko tukaba tugomba gusoza uyu mwaka w'ingengo y'imari."



**Abatuye i Nyabitare muri Karama barifuza amashanyarazi**

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Matsiko Gonzague yabwiye Imvaho Nshya ko icyifuzo cy'abaturage banyotewe amashanyarazi gifite ishingiro.

Ati: "Ni byo abaturage bamaze kumenya ibyiza byo kugira umuriro w'amashanyarazi ndetse aho ugera usanga bitabira kuwubyaza umusaruro. Aba baturage ba Nyabitare turabaha icyizere ko mu minsi ya vuba bacanirwa, kuko ubu dufite umushinga munini ugiye guha amashanyarazi ingo ibihumbi 26. Aba na bo bazacanirwa muri uyu mushinga uzamara amezi 18 kandi ubu waratangiye."

Mu Karere ka Nyagatare, abaturage bafite umuriro bari ku gipimo cya 82%. Muri uyu mwaka w'ingengo y'imari biteganyijwe ko urangira ingo ibihumbi 11 zigejejweho amashanyarazi ndetse akanagezwa mu nzuri 48.

## ITANGAZO RY'ISOKO

AEE Rwanda
*In Word and Deed — We Serve*

### TENDER NOTICE

**TENDER N⁰: 0198/AEE/PROC.LOG.ADMIN/6/2026**

AEE-Rwanda hereby invites potential and qualified firms/bidders to supply and install water tanks , water purifiers and cooking pots at Home-Based ECDs in Gatsibo and Kayonza districts. Those ECDs are located in all the 156 villages of Murundi and Mwiri Sectors of Kayonza district and Murambi and Rugarama Sectors of Gatsibo district.

The tender document which will be availed upon presentation of the payment slip of a non-refundable 10,000RWF deposited on AEE-Rwanda **account number 100000653181 in Bank of Kigali**. Once you have shared the proof of payment via email aeeprocurement@aeerwanda.ngo, copy: lnagatake@aeerwanda.ngo you will receive a soft copy of the tender document.

Well bound and sealed bids presented in one copy (original and softcopy via email) should be submitted to AEE Rwanda Head office at Gishushu (Opposite Gasabo district) not later than **June 19th, 2026, at 10:00 local time**. Late bids will be rejected.

The opening of bids will be held at AEE-Rwanda Head office at Gishushu at **10:30 am** in the conference room.

**Bids must include** Cover letter, financial proposal and administrative documents (RDB certificates, VAT certificate, Tax clearance, proof of EBM Usage, performance letters/letters of successful completion of similar works from three recognized companies/Organizations.

For more information about the Bid, please email us at: aeeprocurement@aeerwanda.ngo

Done at Kigali,on 2/6/2026.

**Nagatake Leonie**
**P&L Manager**

**Dr. Fred MUGISHA, CPA, CGMA, PMP®**
**Chief Finance and Operations Officer**
**AEE Rwanda**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**Croix-Rouge Rwandaise**
**Rwandan Red Cross**

Organisme d'Intérêt Public
Auxiliaire des Pouvoirs Publics
B.P: 425 Kigali – Rwanda
Tél/Fax : (+250) 252 585449
E-mail : rrcs@redcross.org.rw
Website: www.redcross.org.rw

Tender Notice (TN) / Invitation for Bids (IFB) Tender tittle and tender Number: **29/ DAT/ Circular Economy / RRC / 2025-2026/ Provision of one brand new Vehicle to Rwanda Red Cross.**

Rwanda Red-Cross with the fund of Spanish Red Cross (hereinafter called ''Client'') intends to request vehicle supplying companies under the contract

| Tender Number and Title | Submission date and time. | Time for opening |
|---|---|---|
| 29/ DAT/ Circular Economy/ RRC/ 2025-2026 Provision of one brand new Vehicle to Rwanda Red Cross | 15th /06/2026 2:00 pm | 2:30 pm |

The tender name is Provision of one brand new Vehicle to Rwanda Red-Cross
Tender documents in English may be obtained on any working day at Rwanda Red Cross Head Quarters Kacyiru opposite farmer Utexrwa at procurement office - from Monday to Thursday at 9:00 AM to 5:00 PM and Fridays at 9:00 AM to Noon both hard copy and soft copy (online).

Well printed bids, properly bound and presented in three copies (one original and other two copies). All must be submitted in sealed envelopes containing the market name and the consignment to the General Secretariat office at Rwanda Red Cross not later than 15th /06/2026

2:00 pm. Late bids will be rejected.

The opening of bids will take place the same day at 2:30 pm in Rwanda Red Cross meeting hall in the presence of the bidders or their representatives. The outer envelope should clearly indicate the tender name and tender number.

Done at Kigali, on 25th / 05/2026

**KARAMAGA APOLLINAIRE**
Secretary General of RRCS

## ITANGAZO RY'ISOKO

Date: 25/05/2026
Ref no: 110/0107/SG/2026

**Croix-Rouge Rwandaise**
**Rwandan Red Cross**

Organisme d'Intérêt Public
Auxiliaire des Pouvoirs Publics
B.P: 425 Kigali – Rwanda
Tél/Fax : (+250) 252 585449
E-mail : rrcs@redcross.org.rw
Website: www.redcross.org.rw

Tender Notice (TN) / Invitation for Bids (IFB) Tender tittle and tender Number: **30/ DAT/WHCA / RRC / 2025-2026/ EOC Network Equipments.**

Rwanda Red-Cross with the fund of IFRC (hereinafter called ''Client'') intends to request EOC Network Equipments under the contract

| Tender Number and Title | Submission date and time. | Time for opening |
|---|---|---|
| 30/ DAT/ WHCA/ RRC/ 2025-2026 Provision of EOC Network Equipments | 15th /06/2026 2:00 pm | 2:30 pm |

The tender name is Provision of EOC Network Equipment to Rwanda Red-Cross
Tender documents in English may be obtained on any working day at Rwanda Red Cross Head Quarters Kacyiru opposite farmer Utexrwa at procurement office - from Monday to Thursday at 9:00 AM to 5:00 PM and Fridays at 9:00 AM to Noon both hard copy and soft copy (online).

Well printed bids, properly bound and presented in three copies (one original and other two copies). All must be submitted in sealed envelopes containing the market name and the consignment to the General Secretariat office at Rwanda Red Cross not later than 15th /06/2026

2:00 pm. Late bids will be rejected.

The opening of bids will take place the same day at 2:30 pm in Rwanda Red Cross meeting hall in the presence of the bidders or their representatives. The outer envelope should clearly indicate the tender name and tender number.

Done at Kigali, on 25th / 05/2026

**KARAMAGA APOLLINAIRE**
Secretary General of RRCS

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA

Kigali, 01 JUN 2026
Ref N°:1909/SPIU/026

**RWANDA TRANSPORT DEVELOPMENT AGENCY (RTDA)**
**P.O Box 6674**
**KG 563 St., Queen's Land House, 1st Floor**
**Email: info@rtda.gov.rw**
**KIGALI**

**To all Potential Bidders**

**NOTICE: EXTENSION OF BIDS SUBMISSION DEADLINE.**

| | |
|---|---|
| **Project Name** | **BURUNDI- RWANDA INTEGRATED DEVELOPMENT PROJECT (BRIDEP)** |
| **Client** | Rwanda Transport Development Agency (RTDA) |
| **Funding Agency** | African Development Fund (AFDB) |
| **IFB Number** | 02/W/2025-2026-OCBI/SPIU/BRIDEP /RTDA- AfDB |
| **Title of Tenders** | Rehabilitation and Upgrading Works of Ngororero-Nyakinama -Musanze -Cyanika Road (72Km) Lot 1: Shyira-Nyakinama- Musanze -Cyanika (51.2Km). |

Reference is made to:

1. The invitation for bid issued for the above aforementioned tender issued on 15 April 2026;
2. The request for the extension of bids submission deadline from various potential bidders on the above-mentioned tender.

This notice serves to inform all potential bidders that bids submission deadline is extended from 05th **June 2026 to 07th July 2026**.The time and place for bids submission as well as bids opening time and venue remain unchanged as per initial specific Procurement notice.

Sincerely,

Imena MUNYAMPENDA
Director General

Website: https://www.rtda.gov.rw

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBURIKA Y' U RWANDA

INTARA Y' AMANJYEPFO
AKARERE KA NYANZA
UMURENGE WA BUSASAMANA
IKIGO NDERABUZIMA CYA HANIKA
Email: hanikahc@gmail.com
TEL: 0781676633
Hanika/NYANZA kuwa 04/06/2026

**ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO**

Ikigo Nderabuzima cya Hanika kiramenyesha ba Rwiyemezamiromo babishoboye kandi babifitiye ubushobozi kuza gupiganira isoko rikurikira:**ISOKO RY'ISUKU N'UMUTEKANO.**

| Izinary'Isoko | Nomero y'isoko | Ikiguzi k'Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga isoko | Itariki yo gusura | Ingwate y'Ipiganwa |
|---|---|---|---|---|
| Isoko ry'isuku n'umutekano | N001/2026 | Ibihumbi icumi (10000frw) | 16/06/2026 | 600,000 |

Ba rwiyemezamirimo bifuza gupiganira iryo soko,bashobora kubona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa mu biro by'umuyobozi w'Ikigo Nderabuzima cya Hanika guhera kuwa 05/06/2026 nyuma yokwishyura amafaranga angana n'ibihumbi icumi (10000frw) adasubizwa kuri konti 4411776197 y'Ikigonderabuzimacya Hanika, iri muri banki y'abaturage y'u Rwanda (BPR/BANK) iri mu mazina ya **IVURIRO EER PAROISSE YA HANIKA.**

Gusura aho imirmo yo Gukora isuku ndetse no gucunga umutekano mu Kigo Nderabuzima cya Hanika ni tariki 16/06/2026 kuva Saa munani n'igice (14h30) kugeza Saa cyenda n'igice (15h30)

Amabahasha afunze neza arimo ibiciro agomba kugezwa mu biro by'Umuyobozi w'IkigoNderabuzimacya Hanika tarikiya 25/06/2026 Saa munani n'igice zuzuye (14h30) amabahasha azafungurirwa mu ruhame kuri uwomunsi Saa cyenda zuzuye (15h00) mu cyumba cy'inama cy'ikigo Nderabuzima cya Hanika.

**KAMUGISHA Candide**

**Umuyoboziw'Ikigo Nderabuzima Cya HANIKA**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y' IBURENGERAZUBA**

**AKARERE KA KARONGI**

**UMURENGE WA MUTUNTU**

**Email: mutuntu@karongi.gov.rw**

**ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO**

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Mutuntu, uherereye mu Karere ka **KARONGI**, Intara y' **IBURENGERAZUBA**, buramenyesha abifuza gupiganira amasoko kandi babifitiye ubushobozi ko bwifuza gutanga isoko ryo **kugemura ibikoresho by'ubwubatsi byo kubaka ibyumba by' amashuri mu murenge wa Mutuntu.**

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa (DAO) biboneka mu Bunyamabanga bw'Umurenge wa Mutuntu guhera tariki **01/06/2026 mu** masaha y'akazi nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi icumi (**10,000 Frw**) adasubizwa muri RRA.

Amabahasha afunze neza akubiyemo inyandiko z'ipiganwa agomba kuba yageze mu Bunyamabanga bw'Umurenge wa Mutuntu bitarenze kuwa gatanu tariki 24/06/2026 saa tanu za mu gitondo **(11h00).** Nta nyandiko y'ipiganwa izakirwa nyuma y'itariki n'isaha yavuzwe haruguru. Gufungura mu ruhame inyandiko z' ipiganwa bizaba kuri uwo munsi saa tanu n'igice za mu gitondo **(11h30)**; ku biro by' Umurenge wa Mutuntu.

Bikorewe I Mutuntu kuwa 01/06/2026

**NTAGANDA Wilson**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mutuntu

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REBULIKA Y'URWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**AKARERE KA KAYONZA**

**UMURENGE WA MUKARANGE**

**GS KABUNGO**

**TEL: 0785694217**

**ITANGAZO RYO KUMENYEKANISHA ISOKO**

Ikigo cy'ishuri cya GS KABUNGO kiramenyesha ba Rwiyemezamirimo babishaka kandi babifitiye ubushobozi ko rishaka gutanga **ISOKO RYO KUBAKA ICYUMBA CY'ABARIMU NA BIRO (STAFFROOM AND OFFICES)** muri uyu mwaka w'amashuri wa 2025/2026

Abifuza gupiganira iri soko bashobora kubona igitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa mu bunyamabanga bw'ishuri guhera tariki ya **28/05/2026**, kugeza **17/06/2026**, bamaze kwishyura amafaranga yo kugura igitabo **10,000 Frws** adasubizwa , akishyurwa kuri konti y'ishuri rya **GS KABUNGO No: 9000139682** iri muri **UMWALIMU SACCO** ( GS KABUNGO).

Kwakira no gufungura amabahasha (amabaruwa) muruhame ni kuwa **17/06/2026 saa yine n'igice za mugitondo (10h:30)** Inyandiko zizaza nyuma ntizizakirwa Bizabera mu cyumba cy'inama cya **GS KABUNGO**

Bikorewe i Kayonza, ku wa 28/05/2026

**MUTETIWABO Aletha**
Umuyobozi wa GS KABUNGO

## ITANGAZO RY'ISOKO

UR - HG Ltd
University of Rwanda-Holdings Group Ltd

**TENDER NOTICE**

Title of tender: **Renovation works for the laboratory and sterilization room on behalf of UR-HG LTD(Re-advertised)**

Tender N0 05/W/2026/NCB/ UR-HG LTD
Source of funding: Generated Income

UR-HG Ltd is a private limited company owned by University of Rwanda. Its mandate is to manage the income generating activities of UR in a cost-effective way. Their activities include clinical, dental, ophthalmology, imaging, and health & environmental related consultancies and research.

UR-HG LTD invites interested bidders to bid for the tender for **renovation works for the laboratory and sterilization room on behalf of UR-HG LTD;**

The tender document showing the specifications of works to be built may be obtained from 8:00 am to 5:00 pm on any working day at UR-HG LTD (ex-KHI building), Procurement office at University of Rwanda, Nyarugenge Campus, next to Marriott Kigali Hotel, P.O Box. 7575 Kigali, Tel: 0787084134 upon presentation of a proof of payment of a non-refundable fee of ten thousand Rwandan Francs (10,000FRW) to the Account N° 100003754922 in the name of UR-HG Ltd operational account opened in Bank of Kigali (BK). This tender has been re-advertised, and bidders who submitted bids for the initial tender will not be required to repurchase the tender document.

Well printed bids, properly bound and presented in four copies one of which is the original must reach to the address mentioned above not later than 8th **June, 2026 at 12:00pm** and be deposited at the procurement office. Late bids will be rejected.

Bids will be opened in the presence of bidders or their representatives who choose to attend in the UR- HG LTD board room, on the **same day at 12:30 pm.** The validity of the offers shall be 90 days from the date of opening of bids. The Outer envelope should clearly indicate the tender number and title.

Done at Kigali, on 02/06/2026

MUGESERA Narcisse
Chief Executive Officer /UR-HG LTD

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU CYO KUGIRISHA INGWATE ICYEMEZO NOMERO 026-0903095 CYO KUWA 23/04/2026 USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA INZU IRI MU KIBANZA GIFITE UPI: 5/03/13/04/2464, GIFITE UBUSO BUNGANA NA 633 Sqm N'AGACIRO KANGANA NA 6.255.000FRW GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA REBERO, AKAGARI KA MATARE, UMURENGE WA RUGARAMA, AKARERE KA GATSIBO MU NTARA YIBURASIRAZUBA.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 2: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 07/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 14/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW KUKO ARIHO IPIGANWA RIKORERWA BAKABANZA KWISHYURA KANDI 312.750FRW YINGWATE YIPIGANWA KURI KONTI YA MINIJUST IRI MURI BK. IYA KONTI BAZAHABWA NA SYSTEM MUGIHE CYIPIGANWA. UZABA YATSINZE IPIGANWA AZISHYURA MUGIHE CYAMASAHA 72 KURI KONTI 1020408497500101 IRI MURI VISION FUND RWANDA MU MAZINA YA KARIGIRWA ZAINABU

TUBONEYEHO KWIBUTSA BANKI, NYIRIGUHABWA INGUZANYO NA BANYIRUMUTUNGO KO BAGOMBA KUDUHA UMWIRONDORO WABO KUGIRA NGO TUBAHUZE N'URUBUGA RWASHYIRIWEHO KURANGIZA INYANDIKO MPESHA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA (IECMS) BITYO BAZABASHE GUKURIKIRANA IBIJYANYE NIYI CYAMUNARA NDETSE NO KUBA BAHAKANA IGICIRO KININI KIZABA CYATANZWE NTIBAKISHIMIRE KIKABA KITAGEZE KURI 75% BYAGACIRO KU MUTUNGO UGURISHWA KANDI IBYO BIGAKORWA KURI CYAMUNARA YA MBERE NIYA 2 KUKO KURI CYAMUNARA YA NYUMA UWATANZE IGICIRO KININI NIWE WEGUKANA UMUTUNGO UPIGANIRWA.

GUSURA INGWATE BIKORWA KUVA IGIHE IPIGANWA RITANGIRIYE BURI MUNSI MU MINSI YAKAZI KUVA SAA TATU ZA MUGITONDO KUGEZA SAA KUMI ZUMUGOROBA.

KU BINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI TELEPHONE IGENDANWA 0788686978.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

ME KARIGIRWA ZAINABU

KARIGIRWA Zainabu
USHINZWE GUCUNGA INGWATE
Tel: 0788686978

## ITANGAZO RY'ISOKO

Republic of Rwanda
City of Kigali

NYARUGENGE DISTRICT

MAGERAGERE SECTOR

**MAGERAGERE Sector** in Nyarugenge District, hereby invites all interested bidders to submit their bids for the following tenders:

| N⁰ | Tender reference Number | Title of tender | Source of Funds |
|---|---|---|---|
| 1 | 01/F/2025-2026/MAG-SECTOR | Supply Food and Beverage | *CoK/Mageragere Sector* |
| 2 | 05/F/2025/2026/MAG-SECTOR | Supply of construction materials | *CoK/Mageragere Sector* |
| 3 | 07/S/2025/2026/MAG-SECTOR | Provide ICT Equipments repair and Maintenance services | *CoK/Mageragere Sector* |
| 4 | 08/S/2025/2026/MAG-SECTOR | Provide Internet connectivity and related devices | *CoK/Mageragere Sector* |
| 5 | 10/S/2025/2026/MAG-SECTOR | Provide vehicle rental services | *CoK/Mageragere Sector* |
| 6 | 06/F/2025/2026/MAG-SECTOR | Supply of Office Furnitures | *CoK/Mageragere Sector* |

Participation to the competition is open on equal conditions to all individuals or companies specialized in supplying, working and serving the above, Tender Document can be obtained from the Central Secretariat of Mageragere Sector from **08th June 2026** from **09:00** am to **05:00** pm in working days upon presentation of proof of ten thousand Rwandan Francs **(10,000 Rwf)** payment per each Lot non-refundable to RRA account number in any commercial Bank that operate in Rwanda. Well printed bids, properly bound presented in Three copies one of which is the original must reach the Central Secretariat at the address mentioned above not later than the deadline of submission on **29th June 2026** at **10:00** am. Bids will be opened on **29th June 2026** in the presence of the bidders' representatives in Sector's Conference room, at **10:30 am**. Late bids will be rejected. Any complementary information concerning this invitation to tender will be obtained from the Central Secretariat.

Done at Mageragere, on 29th May 2026.

**RUTUBUKA Emmanuel**
Executive Secretary of Mageragere Sector

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**G.S.ST PHILIPPE NERI GISAGARA**
**B.P. 179 BUTARE**
**E-mail:** philippenerigisagara@gmail.com
**Tel: +250788586802**

**Gisagara, kuwa 26/05/2026**

**ITANGAZO RYO GUTANGA AMASOKO**

Ubuyobozi bw'urwunge rw'amashuri rwitiriwe mutagatifu Filipo Neri-GISAGARA buramenyesha ba rwiyemezamirimo bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga amasoko akurikira:

- IRYO KUGEMURA IBIKORESHO BYO MUBIRO;
- IRYO KUGEMURA IBIKORESHO BY'ISUKU

Byose bizakenerwa mu gihembwe cya mbere cy'umwaka w'amashuri wa 2026/2027. Ababyifuza bose basabwe kugeza ibiciro byabo mu mabahasha afunze neza mu bunyamabanga bw'ishuri bitarenze tariki ya 25/06/2026 saa yine (10h00') za mugitondo. Amabaruwa azafungurwa ku mugaragaro tariki ya 25/06/2026 saa yine n'igice (10h30') za manywa. Igitabo kirimo ibisobanuro birambuye kuri iri soko kiboneka mu bunyamabanga bw'ishuri buri munsi mu masaha y'akazi, kigatangwa hamaze kugaragazwa inyemezabwishyu (bordereau) yishyuriweho amafaranga ibihumbi icumi (10.000frw) adasubizwa yashyizwe Kuri konti y'ishuri N°: 00050-0772587-58 iri muri BK (Bank of Kigali) cyangwa kuri konti N°: 465-3276629-10-118 iri muri BPR.

**Bikorewe i Gisagara Kuwa 26/05/2026**

**Padiri Bosco DUSHIMIYIMANA**
**Umuyobozi w'ishuri**

# Gisagara: Abaturage 7 911 bikuye mu bukene kubera gahunda y'Inka ku Muryango



**Abakoze imishinga y'ubuhinzi n'ubworozi i Kayonza bishimira ko igiye gushyirwa mu bikorwa nyuma yo kunganirwa**

**BYUKUSENGE Annonciata**

***Abaturage bahoze babarizwa mu cyiciro cy'abatishoboye, bavuga ko bahinduye icyiciro babikesha gahunda y'Inka ku Muryango kuko inka zorototse aho banywa amata bagasagurira isoko, bikabafasha kwiteza imbere. Iyi gahunda yatangijwe n'Akarere ka Gisagara mu 2020 nyuma yo kubona ko abagezweho na gahunda ya Girinka Munyarwanda bikuye mu bukene babikesha korora inka.***

Abagezweho n'iyi gahunda nshya bayivuga ibigwi bahamya ko iyo ibageraho kare bataba barigeze babarizwa mu cyiro cy'abatishoboye. Murobafi Joseph atuye mu Kagari ka Shyanda, Umurenge wa Save. Aragaruka ku kamaro ka gahunda y'inka ku muryango n'uko yamufashije kwikura mu bukene.

Ati: "Nari umukene inyuma y'abandi ku buryo no kubona ibyo kurya byabaga ari ikibazo kandi mfite umugore n'abana ngoma kwitaho. Nahingiraga amafaranga 1 000 nayageza mu rugo ntahahe ifunguro riduhagije, bigatuma mpora mu bukene kuko guhinga mu murima wanjye nabonaga ntacyo bimfasha, ahubwo nabihariraga umugore nabwo ntitubone umusaruro kubera ko nta fumbire."

Akomeza avuga ko mu 2022 akimara guhabwa inka ari bwo imibereho yatangiye guhinduka mu rugo, banywa amata, akajyana amata ku cyuma,

Uwimana Alice avuga ko atarahabwa inka yahoraga acengana n'abayobozi bazaga ku mwaka amafaranga yo kwishyura Mituweli. Ati: "Kwishyura Mituweli ni inyungu z'umuturage kuko ni we ivuza n'abo mu muryango we. Ntabwo ariko byari bimeze iwanjye kuko ntabashaga kuyishyura kubera ubukene. Ntabwo nari kuba nabuze ibyo kurya ngaburira abana ngo mbone ibihumbi 15 byo kwishyura Mituweli.

Maze kubona inka nikuye mu bukene, ubu nishyura Mituweli ku gihe, abana ku ishuri mbatangira amafaranga y'ifunguro nta kibazo."

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Gisagara ushinzwe Iterambere ry'ubukungu, Habineza Jean Paul, yabwiye Imvaho Nshya ati: "Iyi gahunda yatanze umusaruro ugaragara kuko abahoze mu cyiciro cy'abatishoboye ibihumbi 7 911 bamaze kwikura mu bukene. Dukomeza gukurikirana aborozwa muri iyi gahunda kugira ngo hataba abatandukira bakazifata nabi cyangwa hakaba uwayigurisha ugasanga asubiye inyuma mu iterambere."

Yakomeza avuga ko iyi gahunda izakomeza kugeza igihe izaba imaze kugera kuri bose.

Ibarura Rusange ry'Abaturage ryo muri 2022, rigaragaza ko abaturage b'Akarere ka Gisagara ari 39 7051, abagera kuri 86,4% akaba ari abahinzi. Akarere ka Gisagara kashyizeho iyi gahunda mu kurushaho gushyigikira gahunda ya Girinka na yo imaze gutanga umusaruro ufatika mu Gihugu hose.

# Micky yatangaje ko atazongera gusubiza abamuvuga nabi



**Micky yavuze ko nta mpamvu yo gukomeza guterana amagambo n'abamuvugaho nabi**

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umukinnyi wa filimi nyarwanda Mukobwajana Asifiwe uzwi nka Micky yatangaje ko atazigera yongera guterana amagambo n'abamusebya ku mbuga nkoranyambaga kuko ubu hari icyo guhomba mu gihe ngo mbere yabikoraga nta cyo guhomba afite.***

Uyu mugore yatangiye asobanura ko mbere y'uko yubaka urugo yise urushima Imana ntacyo yari afite cyo guhomba ari na yo mpamvu uwamuvugagaho wese yajyaga ku mbuga nkoranyambaga na we akamusubiza ariko ngo kuri ubu byarahindutse. Yabigarutseho mu kiganiro yagiranya n'umwe mu miyoboro ya YouTube cyashyizwe ahagaragara kuri uyu wa Gatanu tariki 05 Kamena 2026, ubwo yabazaga impamvu atagisubiza abamusebya.

Yagize ati: "Hari igihe nari ndi mu bihe bidafite icyo guhomba ariko aka kanya mfite urugo nahomba, mfite byinshi natinya guhomba, ninshaka kuvuga nabi nzabanza nkuremo izi mpeta nzijugunye, ngende nsabe gatanya mbone kuza gutukana."

Micky yasabye ko bakwegeranya amafoto ye iya kera bakuye mu mashusho y'ikiganiro yakoze avuga ko we n'abavandimwe be bashonje bakayihuza n'iy'ako kanya arangije avuga ko Micky wa cyera atari we w'ubu bityo atakora nk'iby'uwa kera.

Ati: "Erekana neza ifoto yanjye ya nonaha turi mu kiganiro nurangiza ufate agafoto ka kera ugashyireho umbwire ngo abo bantu ntabwo batandukanye? Uyu Micky (wa kera) ibihe byararangiye uyu wundi ni umubyeyi wambara amabaze (Basin) udafite umwanya wo kwirirwa atongana n'abantu."

Micky avuga ko nta cyatuma atakaza urugo rwe kuko mu buzima atiteguye gusenya ashimangira ko ibyo yasabye Imana ubwo yayisabaga umugabo yamukubiye kenshi bityo yakora buri kimwe akarinda gutakaza umugabo Imana yamuhaye.

Ati: "Njyewe umugabo nifuzaga Imana ni we yampaye noneho irenza ibyo nayisabye irakuba. Ni kwa kundi usaba Imana ngo uzampe inzu ya kadasiteri ikaguha inzu igeretse nka zimwe ndende cyane tubona mu Mujyi wa Kigali."

Micky n'umugabo Agiraneza Pacifique bamaze amezi asaga atanu bubatse urugo mu buryo bwuzuye, kuko bakoze ubukwe tariki 31 Mutarama 2026, mu birori byabereye mu ihema rya 'Romantic Garden' ku Gisozi byari byarabanjirijwe n'umuhango wo gusezerana mu mategeko wabaye tariki 27 Ugushyingo 2025 mu biro by'Umurenge wa Nyarugenge.

# Ibitaramo bya 'Summer Country tour' bizatanga akazi ku rubyiruko rurenga 2000

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umuyobozi wa Watu Wavu, irimo gutegura ibyo bitaramo Kenny Mugarura, yatangaje ko kimwe mu musaruro biteze mu bitaramo bya 'Summer Country Tour' bizaririmbamo abahanzi barimo Bruce Melodie na The Ben mu Ntara zitandukanye z'u Rwanda, ari uko bizatanga akazi ku rubyiruko rusaga 2000. Ni ibitaramo bizatangira tariki 13 Kamena 2026, bikaba byarateguwe mu rwego rwo gukora umuziki ucuruza.***




**Umuhanzi Mike Kayihura yahishuye ko Nyakwigendera Niyomugabo Philemon yari umwe mu bahanzi yemera**

Yabigarutseho mu ijoro ryo ku wa Gatanu tariki ya 5 Kamena 2026, mu kiganiro n'itangazamakuru cyabanjirijwe n'igitaramo kigufi cyabereye muri Camp Kigali, cyahuje abanyamakuru, abahanzi n'abafatanyabikorwa b'uwo mushinga mu rwego rwo kumurikwa uko ibyo bitaramo byateguwe.

Mugarura avuga ko nubwo ibitaramo birimo gutegurwa na Watu Wavu ariko ari igitekerezo cya Bruce Melodie kigamije gusanga abakunzi babo hirya no hino mu gihugu. Yagize ati: "Ni ibitaramo bigamije kuzana umunezero mu gihugu hose no kugeza ku Banyarwanda imyiyereko idasanzwe. Ni yo mpamvu twahisemo gushora amafaranga menshi mu bijyanye n'imyiteguro n'uburyo ibi bitaramo bizakorwa. Ibyo abantu bazabona muri uru rugendo ni ibintu bitarabaho mu Rwanda."

Akomeza avuga ko uwo mushinga utazatanga ibyishimo gusa ahubwo ufite n'intego yo gufasha urubyiruko kubona akazi by'igihe gito ubwo ibyo bitaramo bizaba birimo kuba. Ati: "Ahantu hose tuzajya dukorera igitaramo tuzatanga akazi k'iminsi itatu. Buri cyumweru tuzajya duha akazi abantu 915. Iyo ubiteranyije mu byumweru byose by'uru rugendo, akazi kazagera ku bantu 2,745. Abo bose ni urubyiruko ruzabona amahirwe yo gukorera kuri uyu mushinga."

Mugarura avuga ko ibyo bitaramo byateguwe ku buryo bigomba kugirira umumaro abahakorera kuko, hazatangwa umwanya wo kugaragaza ibicuruzwa na serivisi zitandukanye bihakorerwa.

Ati: "Turashaka ko aho tuzajya hose hazabera n'imurikabikorwa. Bizafasha ba rwiyemezamirimo n'abahanzi bo muri ibyo bice kumenyekanisha ibyo bakora no kubona abantu babatera inkunga cyangwa abafatanyabikorwa bashya."

"Summer Country Tour" ni ibitaramo byateguwe na Bruce Melodie azahuriramo na The Ben, Kitoko na Bwiza bikazatangira tariki 13 Kamena 2026 i Musanze bigasorezwa i Rubavu tariki 4 Nyakanga 2026.

# Perezida mushya wa FERWACY yijeje gushyiraho Tour du Rwanda y'abagore

SHEMA IVAN

***Perezida mushya w'Ishyirahamwe ry'Umukino w'Amagare mu Rwanda (FERWACY), Nkurayija Ishimwe Jean Hubert yatangaje ko mu ngamba afite harimo gushyiraho Tour du Rwanda ihuza amakipe y'abagore no kongera gushyira hamwe umuryango w'abanyamagare. Yabigarutseho ku Cyumweru tariki ya 31 Gicurasi 2026, nyuma yo gutorerwa kuyobora FERWACY muri manda y'imyaka ine iri imbere.***

Abajijwe ibyo agiye gukora ku ikubitiro, Nkurayija yavuze ko mu ntego yinjiranye muri FERWACY harimo no gutangiza Tour du Rwanda izajya yitabirwa n'amakipe y'abagore. Ati: "Umushinga wa mbere ni ugushyiraho Tour du Rwanda y'abagore, uyu mwaka ishobora kuba itari ku rwego rwa UCI, ariko umwaka utaha tuzaba dufite iri ku ngengabihe ya UCI. Ntabwo ari uguha amahirwe abagore gusa, ahubwo ni no kugaragaza ko u Rwanda ari igihugu giteye imbere muri siporo."



**Perezida mushya wa FERWACY yijeje gushyiraho Tour du Rwanda y'abagore**

Yongeyeho ati: "Icya kabiri ni ukongera kubyutsa umuryango w'abanyamagare. Bitarenze uyu mwaka, ni ukubaka uwo muryango w'abanyamagare batari abakinnyi, abantu bakunda gukina uyu mukino bakaba benshi; abayobozi b'amabanki, abayobozi b'ibigo bikomeye n'ababyeyi baza gushyigikira abana." Uyu Muyobozi mushya wa FERWACY yavuze ko bagiye gukora impinduka mu buryo iyi kipe yiteguramo amarushanwa atandukanye aho bifuza kongere igihe bamara mu mwiherero.

Ati: "Ikindi gikomeye ni ugutangira gutegura ikipe izakina Tour du Rwanda. Ntabwo ikipe wayitegura mu mezi atatu. Uyu munsi dufite amahirwe ko dufite andi amezi icyenda cyangwa 10. Njye sinjya nkunda kubeshya ngo tuzajya gutwara iri rushanwa, ni ukureba ko hari icyo twakongera ku musaruro wo mu myaka itatu ishize. Ntabwo duheruka kwegukana 'étape', ntabwo duheruka aho bahembera, nta rushanwa twatwaye. Ni ukureba icyo tutarakora muri ibyo, ari yo iba intego yacu mu 2027, nyuma yaho turebe ibindi."

Yavuze kandi ko muri gahunda afite harimo kutongera gutegereza mu kwezi k'Ugushyingo cyangwa mu Kuboza kugira ngo batangaze imihanda n'amakipe azitabira irushanwa rya Tour du Rwanda itaha. Ati: "Ikintu cya mbere mfiteho gahunda ni ugutangaza Tour du Rwanda muri Kanama, ntabwo tuzongera gutegereza mu Kuboza. Biriya bigira ingaruka ku makipe yitabira kuko mu Gushyingo ni bwo agena aho azajya. Nabibonye ubushize."

'Ikindi kintu ni imihanda, ni ya yindi, ariko noneho tukabikora mu buryo butandukanye. Tumaze igihe nta 'Queen Stage' tugira, mu 2027 tugomba kubonamo étape y'ibilometero 190 cyangwa 200, imwe ariko ishobora kugena byose."

Nkurayija Ishimwe Jean Hubert yari asanzwe ari Umuhuzabikorwa wa Tour du Rwanda inshingano yagiyemo mu kwezi k'Ukuboza 2025 asimbuye Kamuzinzi Freddy wari usoze amasezerano ye. Asimbuye Ndayishimiye Samson wari umaze imyaka ibiri kugira ngo isoze manda yari yaratorewe Komite yari iyobowe na Murenzi Abdallah.

# Guverinoma yashimiye RSSB Tigers yegukanye BAL 2026

SHEMA Ivan

***Guverinoma y'u Rwanda yashimiye Ikipe ya RSSB Tigers BBC, iherutse kwandika amateka yo kwegukana Irushanwa rya Basketball Africa League ry'umwaka wa 2026 (BAL2026) ryakinwaga ku nshuro ya gatandatu.***

Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yabikomojeho mu kiganiro n'abanyamakuru cyabaye ku wa 6 Kamena 2026, ubwo yagarukaga ku bikorwa by'ingenzi byabereye mu Rwanda bikaruhesha isura nziza mu minsi itambutse.

Aha ni bwo yahise ashimira RSSB Tigers kuri iyo ntsinzi y'amateka iheruka kubona, ashimira abakinnyi, abatoza, abayobozi, abafana ndetse n'abandi bose bagize uruhare kugira ngo iyi ntsinzi igerweho.

Ati: "Ndagira ngo nshimire. Turashimira byimazeyo ikipe ya Basketball ya RSSB Tigers iherutse kuduhesha intsinzi y'amateka muri BAL, ikaba yarabaye ikipe ya mbere yo mu Rwanda yegukanye irushanwa ryo ku rwego rwa Afurika. Iyi ntsinzi ni ishema ry'Igihugu cyacu, ikaba n'urugero rwiza ku yandi makipe yo mu Rwanda kuko yatweretse ko ibyo twatekereza byose dushobora kubigeraho."



**RSSB Tigers yegukanye irushanwa, irabishimirwa**

Ministiri w'Intebe, Dr. Nsengiyumva kandi yashimye imikoranire myiza itanga umusaruro hagati y'amakipe akomeye ku Isi, yamamaza ubukerarugendo bw'u Rwanda binyuze muri gahunda ya Visit Rwanda.

Ni nyuma y'uko Ikipe ya Paris Saint Germain yo mu Bufaransa, yegukanye Igikombe cya UEFA Champions League, itsindiye Arsenal yo mu Bwongereza ku mukino wa nyuma.

Ati: "Mwarabibonye aho Arsenal na PSG bakina umukino wa nyuma wa UEFA Champions League bikaba ari ibintu bigira uruhare mu kumenyekanisha u Rwanda nk'ahantu heza ho gusura no gushora imari no kwakira inama mpuzamahanga."

Si muri UEFA Champions League gusa kuko mu mwaka wa nyuma w'amasezerano ya Visit Rwanda na Arsenal, iyi kipe yegukanye Igikombe cya Shampiyona y'u Bwongereza, Premier League, yaherukaga mu 2004.

Imvaho Nshya
# Siporo



Nº. E-62 TARIKI 2-8 KAMENA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Tennis: Alexander Zverev yegukanye French Open ya mbere

**SHEMA Ivan**

***Umudage Alexander Zverev yegukanye Irushanwa rya French Open mu bagabo nyuma y'Umutaliyani Flavio Cobolli amaseti 3-2 (6-1, 4-6, 6-4, 6-7, 6-1), iba irya mbere atwaye mu mateka ye.***

Uyu mukino wa nyuma wabaye kuri iki Cyumweru tariki 7 Kamena 2026, kuri Court Philippe Chartier i Paris mu Bufaransa

Alexander Zverev yatangiye neza umukino yegukanye iseti ya mbere atsinze Flavio Cobolli amanota 6-1.

Mu iseti ya kabiri Flavio Cobolli yagarukanye imbaraga nyinshi maze yegukana iyi seti atsinze Alexander Zverev amanota 6-4.

Alexander Zverev yasubiranye imbaraga mu iseti ya gatatu maze ayegukana ku manota 6-4.

Mu iseti ya kane, abakinnyi bombi bagendanye mu gutsinda amanota ariko birangira Flavio Cobolli ayatwaye ku manota 7-6.

Nyuma yo kuganya amaseti 2-2 hitabajwe seti ya nyuma yagomba kugaragaza uwegukana igikombe.

İyi seti yegukanywe na Alexander nyuma gutsinda Flavio Cobolli amanota 6-1 ahita yegukana French Open ye ya mbere ndetse iba Grand Slam ye ya mbere atwaye mu mateka ku myaka 29.

Alexander yabaye Umudage wa kabiri wegukanye Grand Slam nyuma ya Boris Becker wabikoze mu myaka 30 ishize.

Mu bagore irushanwa ryegukanywe n'Umurusiya Mirra Andreeva w'imyaka 19 atsinze Umunya- Pologne, Maja Chwalinska ku mukino wa nyuma wabaye ku wa 6 Kamena 2026, amaseti abiri ku busa, 6–3, 6–2 riba irya mbere rikomeye uyu mwangavu yegukanye.



Ibyishimo byari byose kuri Alexander Zverev

**SHEMA Ivan**

# Handball: Police HC na Kiziguro SS zegukanye Irushanwa ryo Kwibuka 32

***Ikipe ya Police HC yegukanye Igikombe cy'Irushanwa rya Handball ryo Kwibuka, nyuma yo gutsinda APR HC ibitego 32-27 mu bagabo mu gihe mu bagore Kiziguro SS yatsinze ESC Nyamagabe ibitego 27-26.***

Kuva ku wa Gatanu tariki ya 5 Kamena, kugeza kuri iki Cyumweru, tariki ya 7 Kamena 2026, muri Petit Stade i Remera, habereye irushanwa ryo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ni irushanwa ryitabiriwe n'amakipe umunani mu bagabo n'andi atandatu mu bagore. Harimo abiri yaturutse muri Uganda.

Mu cyiciro cy'abagabo, Police HC yasezereye PEVIC yo muri Uganda muri 1/2 ku bitego 41-33, naho APR HC isezerera Ndejje University yo muri Uganda ku bitego 39-28.

Mu mukino wa nyuma wahuje aya makipe yombi, APR HC na Police HC zisanzwe zihangana muri Shampiyona y'u Rwanda.

Muri uyu mukino APR HC ni yo yatangiye neza ishyiramo ikinyuranyo cy'ibitego bine, ariko igice cya mbere Police HC iyobora umukino n'ibitego 16-14.

Police HC yakomeje kwitwara neza no mu gice cya kabiri binyuze ku bakinnyi bayo nka Kayijamahe Yves na Mbesutunguwe Samuel, ikibonamo ibitego 16 mu gihe APR HC yatsinzemo ibitego 13 biyifasha gusoza umukino itsinze ibitego 32-27 inegukana igikombe.

Umukino warangiye Police HC yatsinze APR HC ibitego 32-27, yegukana irushanwa ryo kwibuka 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mu cyiciro cy'abagore, Ikipe ya Kiziguro SS yatsinze Ndejje University yo muri Uganda ibitego 39-25 muri 1/2, ihura ESC Nyamagabe yasezereye UR Rukara ku bitego 38-23.

Kiziguro SS yitwaye neza, itsinda ESC Nyamagabe ibitego 27-26 ku mukino wa nyuma, yegukana igikombe.

Mu bagabo, umwanya wa gatatu wegukanywe n'ikipe ya PEVIC mu gihe umukinnyi mwiza w'irushanwa yabaye Mbesutunguwe Samuel wa Police HC




Perezida wa FERWAHAND, Twahirwa Alfred, ashyikiriza igikombe Kapiteni wa Police HC

Umwanya wa gatatu wegukanywe n'ikipe ya Ndejje University mu gihe umukinnyi mwiza w'irushanwa yabaye Iragena Joselyne ukinira ikipe Kiziguro SS.